KA02 1817



# KANGURA

SURAÏT

N°[illegible]

IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

100 FRW

JUIN –1993





NGEZE Hassan asezereye ubutegetsi bwa gitutsi muri Afurika yo hagati.

BUYOYA ashobora gutoza abandi demokarasi.

GAPYISI: tuzatahura abamwishe Minisitiri w'Intebe naduha ubushobozi.

Umugore wa BIZIMANA arakekwa mu batega ibisasu ku Gisenyi.








## GISENYI : NSENGIYAREMYE ADATABAYE VUBA KOMANDA BIZIMANA YASHOZA IZINDI MVURURU ZAGWAMO BENSHI.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTEUR ET DISTRIBUTEUR : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

Abonnement annuel, Rwanda : 5.000 FRW
Afrique 12.000 FRW
Europe - Amérique - Asie : 25.000 FRW
Sur cpte BCR - 14373/14 KIGALI

# BUYOYA ASHOBORA GUTOZA ABANDI DEMOKARASI.



*Nk'uko byagiye bigenda n'abandi, abanyafurika turacyari abana muri politiki cyane cyane iyo tuvuga ko twerekeza inzira ya demokarasi. Ni muri urwo rwego ibihugu by'ibihangange ku isi, abanyaburayi, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika biduhatira gukurikiza inzira ya demokarasi, no kubahiriza amategeko twishyiriyeho. Aha tugasabwa no gushyiraho amategeko arengera imvugo za benshi. Nimshyirwaho kurengera inyungu z'abari ku butegetsi gusa.*

*Iyo ibyo byose byubahirijwe nibwo usanga imbwererano z'amahanga ziza nta kibazo. Impamvu nta yindi ni uko iyo igihugu kigendera ku mutwara ya demokarasi, bigoye kunyereza umutungo wacyo cyangwa kwica abo mutavuga rumwe, kugira ako mutumvikana impunzi za politiki.....*
*Iyo igihugu kirangwa na demokarasi, kirasurwa cyikizerwa na benshi. Demokarasi rero igendana n'amatora adafifitse yemejwe na benshi. Kandi utsinze akumva ko agomba gutegekana n'uwatsinzwe kuko bangana imbere y'amategeko.*

## GUTSINDWA MURI DEMOKARASI NTA CYAHA KIRIMO:

*Ahubwo icyaha ni ukutemera ko watsinzwe n'amajwi ya benshi cyangwa se wabyemera nyuma ugashoza imvururu ugamije kumena amaraso. Iyo wemeye gupfa kigabo ugategereza andi matora, ugakosora muri politiki yawe icyatumye utsindwa icyo gihe uba intwari. Kandi birashoboka kuko hari n'uba umukuru w'igihugu amaze imyaka hafi makumyabiri abihatanira n'abandi, yatsindwa agahindura ingingo zituma atsindwa nk'uko byagiye bigenda kuri Mitterand w'u Bufaransa n'abandi benshi.*

## TUGARUKE KU MATORA Y'I BURUNDI

*Buyoya yumvaga ko abaturage bazamwizera bakamutora. Icyo yaheragaho ni amasezerano y'ubumwe bw'abarundi yumvaga ko abahutu yabarengeye kandi bayemeye. Nyamara yaje gusanga ko yibeshya kuko ayo masezerano n'abatutsi bene wabo yari afitiye akamaro batayashyiraga mu bikorwa.*
*Nko kubona nta mututsi urongora umuhutukazi, mu gihe abahutu bo barongora abatutsikazi. Ingero ni nyinshi. Kuko n'uwavuga ko abahutu byari bigoye kubibagiza ukuntu rimwe mu myaka itatu bicwaga n'ubutegetsi bwa gitutsi. Ibyo byose Buyoya ntiyabitekereje. Niyo kandi abitekereza nta kundi yari kubigenza kuko abazungu bari babyifuje. Buyoya amaze gutsindwa yemeye ku mugaragaro ko atsinzwe asaba abamuri inyuma kubahiriza amahame ya demokarasi. Aha umuntu yakwibaza niba ba batutsi bamenyereye guhaka bazemera kubana n'abahutu muri demokarasi. Bakumva ko demokarasi ivuga ubutegetsi buri mu maboko ya benshi. Agize amahirwe bigashoboka ntihagire imvururu abatutsi bashoza, Buyoya yaba abaye intwari. Ntacyo yazaba ndetse n'ibyo yakoreye abahutu muri Ntega na Marangara umuntu yabyihanganira kuko nta mahoro ahora. Icyo gihe ashobora no kubonerwa indi mirimo mu nzego mpuzamahanga. Abarundi bakamwohereza nko mu miryango ikomeye.*

*Bitaba ibyo agahabwa akazi ko gutoza demokarasi nk'uko n'abandi bagiye bagahabwa na biriya bihugu by'ibihangange ku isi. Urugero ni abari baje kumutoza kwemera demokarasi i Bujumbura. Kandi nabo barabaye abakuru b'ibihugu. Ibyo nibimucika abamuri inyuma bagashoza imvururu, bazaziiwamo ari benshi kandi noneho umujinya w'abahutu uvuke. Bibuke ibyo bakorewe kuva kera maze amasaziro ye abe mabi. Abe impunzi mu gihe abandi bazaba baratashye.*




*Nagaragaze rero ubutwari yemere ibyo abafaransa bamubwira, yime amatwi ababirigi basa nk'aho bataye isura. Dore ko bamaze gusezererwa aho bari bakomeye : Rwanda, Burundi, Zaïre, kubera kwivanga mu bitabareba.*
*Aha Buyoya arasabwa gusaba abamuri inyuma bose bagacisha make, bagahebera urwaje kuko ntawe urusimbuka rwamubonye. Maze turebe ko Buyoya atazitwa intwari iruta abamubanjirije mu butegetsi bw'igitugu. Inama za Kangura nazo zizamugirira akamaro nabyitwaramo neza. Twe mu rwego rw'itangazamakuru tuzakomeza gukurikirira hafi imigendekere ya demokarasi i Bujumbura.*

*NGEZE Hassan.*

# IBARWA NZOZI YANDIKIWE NYAKWIGENDERA MUTOMBO

NGEZE Hassan
C/O UBUZIMAKWISI
B.P. ABAHUTUBOSE
AFURIKA

Kigali, le 6/06/93

Ku nshuti yanjye MUTOMBO
Yozefu
C/O IRUHANDE RWA
RUREMA

Ku wari inshuti yanjye, kandi agapfa mu mwanya wanjye. Wowe wazize ko warengeraga abahutu bari bugarijwe maze ugasiga abana bagera ku icumi batagira kirengera. Ni wowe nkeka ko wakoreye intashima nandikiye. Ni wowe wita ngiye abandi bigatuma ugenda nkigukeneye, n'abo wari ushinzwe kurera bataragera igihe cyo kwiha. Ni wowe nizeraga ko ufite inshuti nyinshi z'ingirakamaro kandi ari za nyamwigendaho. Nkwandikiye nura ngo nkubaze uko umerewe iruhande rwa Gihanga wahanze u Rwanda, ariko mu gihe ngitegereje igisubizo, njye mbabajwe n'uko ngiye kukugezaho inkuru idashimishije.

Inkuru nkugezaho, abo dusangiye ishyaka, ndumva iri bubabaze, ndetse bamwe ibatere ikimwaro. Ndavuga cyane cyane abari mu buyobozi bukuru bwaryo. Barababara rwose kuko maze kwibonera kenshi ko umuhutu wo muri uru Rwanda umubwira ukuri mukabipfa. Av'ubusa ariko uwo mwirato uzabashiramo kuko ab'i Burundi twababwiye ukuri bakakumva n'ab'i Rwanda bizabageraho.

Mbere yo kuvuga uko kuri ndagira ngo mbanze ngusabe kunsabira kuri Nyagasani ngo antere inkunga yo guhora nzirikana abo wasize. Imana izampe umutima n'ububasha byo kugira icyo mariira byibura abana bane. Umugisha w'abo bana sinkagononwe kuwubagezaho mu gihe cyose Imana iwu nyuiije kuri njye. Ibyo nimbigeraho bizaba ari rumwe mu ngero uzi neza ko ntoza abahutu.

N'ubwo ubu utagifite umubiri nizeye neza ko roho yawe ari nzima. Kandi burya umubiri niwo ulwoshya ugatuma tubabara kandi ukaturoha mu bujiji. Erekeza roho yawe kuri uru rwandiko maze nkugayire abayobozi ba CDR.

Uribuka uri hamwe muri gereza ubwo twamenyaga ko abatutsi bohereje uburozi bwo kudukuraho. Icyo gihe tuba twarapfuye twembi. Nyuma y'ibyo haje gutegurwa imyigaragambyo n'abanzi bifuzaga ko tuyigwamo twembi. Mu gihe utarashyirwa mu bikorwa, Perezida wa CDR adushingana muri mitingi yo ku Rushashi. Byaduteye akanyabugabo twumvako n'uwapfa ishyaka ryamuzirikana. Wowe waje kugira ingorane kuko undi mugambi w'uburozi waje gufata akaba ari wo waguhitanye. Nasanze burya ka kanyabugabo kwari ukwibeshya. Ubwo washyingurwaga iwawe, Komini Kanama, nta muntu n'umwe wo muri Komite ya CDR wahabonye. Nakira umurambo wawe mu mva nabyibajijeho ndumirwa. N'interahamwe zari inshuti zawe zaje kugushyingura ziturutse i Kigali zabonye itike izisubizayo ku bwa burembe.
Umaze kwitambukira, ishyaka ntiryigeze risubira inyuma ngo rirebe aho urubyaro rwawe rusigaye none ubu amezi abiri arihiritse.

Uribuka ko CDR wari urimo yashinzwe n'abahutu baje kukugezaho ibitekerezo by'ishyaka bikakugera ku mutima maze ukariyoboka. Byaje kukuviramo no kubeshyerwa ngo wahanuye ikizungerezi gitwite mu muturirwa. Ukuri kwaje gutsinda urarusimbuka. Komite yaba yaribajije impamvu wagiye uzira ishyaka ? Oya, iyo biba, ubu iba imaze gusura umuryango wasize byibura rimwe. Niba ubuyobozi bwa CDR bwigisha ibyo budakora biteye isoni. Ntaho baba bataniye na ba bahutu batannye duhora twifuza kugarura mu buryo.



Mutombo muvandimwe mu bitekerezo, nyemerera ngusabe ikindi kintu. Ngwino muri ino minsi ya vuba, nkurote, nkubone mu nzozi. Maze muri zo umpe igisubizo cy'ibyo maze kukugezaho. Ndabikwemereye nanjye, icyo gisubizo nzakigeza bidatinze ku zindi nshuti zawe, nkoresheje uburyo bw'ikaramu.

Impuzamugambi zindi ziragutashya kandi ngo muzongera musabane. Zabuze uzitumaho ngo zihurize hamwe icyatera ingabo mu bitugu abo wasize. Uzabonekere komite yose, maze irote uyigaya. Komeza utere ubwoba abakwishe kuko ubu amaraso yawe yababujije amahwemo. Abazaryoza urupfu rwawe ubu barabagera amajanja.

Muto ! ndangije aka gaketi nkubwira ibibabaje, wakekako kuva utuvuyemo hageze na gato tugira agahenge ? Byagutera kongera kugirira impuhwe. Byaba ari byiza kuzitugirira ariko nanjye ndashaka kukubwira inkuru iguha umunezero. Ya ngoma y'igitugu y'i Bujumbura yari irongowe na Petero Buyoya yahanutse ku masumo ya demokarasi. Akazu k'i Bururi karahiye none ubu abatutsi bazinze twa turago wasize babandi bavuga. Hirya no hino baremera uruhare KANGURA yabigizemo.
Isuku ya SAHWANYA-FRODEBU yatumye abahutu barakanguka.

Mu gihe ngitegereje indoto zawe nziza, mbaye ngushimiye muvandimwe.

NGEZE Hassan.

# TELEGARAMU Y'ISHIMWE KANGURA YOHEREREJE NYAKUBAHWA MELCHIOR NDADAYE PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U BURUNDI.

Kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Burundi Melchior NDADAYE Bujumbura/BURUNDI.

Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika,

Ikinyamakuru KANGURA mu izina ry'abahutu bose aho bava bakagera cyanejejwe cyane n'ukuntu amatora y'umukuru w'igihugu yagenze mu Burundi. Itariki ya mbere Kamena 1993 ntizibagirana mu mateka y'icyo gihugu. Uwo munsi nibwo bene wacu b'abahutu b'i Burundi bipakuruye ingoma ntutsi yabakandamije imyaka irenga magana ane.

Itariki ya mbere Kamena 1993 yibutsa abahutu bo mu Rwanda umwaka w'1959 ubwo bipakuruaga ingoma ya cyami na gihake y'abatutsi. Revolisiyo ya rubanda abahutu bo mu Rwanda bakoze mu w'1959, mwe mwayikoze tariki ya mbere Kamena 1993.
Bahutu b'i Burundi bavandimwe, n'ubwo mwatinze kwipakurura ingoyi y'abatutsi, icya ngombwa ni uko icyo mwaharaniye mukigezeho. Kandi mwakigezeho. Turabibashimiye cyane. Ntimwirare kuko intambara igikomeza.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ugutsinda kwanyu niko gutsinda kw'abarundi rubanda rugufi. Amajwi mwabonye 64 ijana yeretse amahanga ukuri ubutegetsi bw'abatutsi b'i Burundi bakomeje guhisha. Abatutsi b'i Burundi uhereye ku Bami kugeza kuri Repubulika ntutsi uko zagiye zisimburana (Micombero--Bagaza—Buyoya) bakomeje guhisha amahanga akarengane ka rubanda rugufi. Abahutu n'Abatwa b'i Burundi bagize hafi 90 ku ijana by'Abarundi bose bakomeje guhezwa mu nzego zose z'ubutegetsi, bahezwa n'agatsiko k'abantu bibwira ko aribo baremewe gutegeka. Rero ngo bavukanye imbuto. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika intambara iracyari nde nde n'ubwo bwose intambwe ya ngombwa mwayiteye tariki ya mbere Kamena 1993.

Nk'uko mwiyemeje muri Porogaramu yanyu guhindura ibintu, hari byinshi koko bigomba guhinduka mu Burundi. Icya mbere ni uguhindura ibitekerezo. Abatutsi bakemera ko bataremewe gutegeka bonyine. Abahutu n'Abatwa nabo kandi nibo benshi, bakumva ko nabo bafite ubushobozi bwo kuyobora igihugu cyababyaye.
Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, muhutu mwene wacu, mufite akazi gakomeye ariko turizera ko muzabyitwaramo kigabo. Abatutsi baracyafite imyanya yose y'ubutegetsi. Mu gisirikari baracyari ijana ku ijana, uhereye kuri Koloneri ukageza ku musirikari uyu usanzwe. Mu butegetsi abatutsi baracyari bo basa. Guhera ku mukozi wa Leta wo hasi ukageza kuri Gouverneur wa Province. Abahagarariye u Burundi mu mahanga baracyari abatutsi gusa. Radiyo na Televiziyo y'u Burundi bifitwe n'abatutsi ni nabo babikoraho.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, akazi kabategereje ntiko roshye. Nimwe abahutu b'i Burundi batezeho kubaho kwabo. Ni mwe muri ku isonga rya revolisiyo bakoze tariki ya mbere Kamena 1993. Ntimuzabatenguhe ! Kandi ni mu gihe murashyigikiwe.
Amajwi abahutu babahundagajeho mu matora ya Perezida wa Repubulika niyo bazaha ishyaka ryabo «SAHWANYA—FRODEBU» mu matora y'abadepite azaba tariki ya 29 Kamena 1993. Abantu basigaye bavuga ko KANGURA iragura. Ntituragura bya gipfumu ahubwo dusesengura ibintu uko tubibona, tukavuga uko tubitekereza. Niba rero KANGURA izi gusesengura neza ntiyabizira.

Nyuma y'ibyabaye tariki ya mbere Kamena 1993, muri KANGURA turareba tugasanga nta kabuza n'amatora y'abadepite muzayegukana. Ishyaka ryanyu ari naryo ry'abahutu «SAHWANYA—FRODEBU» rigomba kwegukana intebe zigera kuri 84 ku ijana. Impamvu FRODEBU igomba kwegukana amajwi angana atyo zirumvikana. Abahutu n'Abatwa b'i Burundi bagize hafi 90 ku ijana Kandi bose bagomba guha amajwi ishyaka ryabo. N'abahutu bari barigize abagambanyi nka ba François NGEZE, Adrien SIBOMANA, Nicolas MAYUGI n'abandi bashobora kwisubiraho bakagaruka mu muryango. Abahutu ntituri abagome twabaha imbabazi.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, kugira ngo imbaga nyamwinshi y'Abarundi itsinde, habaye ah'abagabo. Mwibuke abahutu bapfuye kuva muri za mirongo itandatu kugeza magingo aya. Na mwe ubwanyu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, muribuka neza ukuntu abatutsi babirukanye mu ishuri mu w'1972 mugahungira mu Rwanda. Bityo mugashobora gukomereza amashuri yanyu muri Groupe Scolaire i Butare ndetse na Kaminuza mukayigira mu Rwanda i Ruhande. Nyuma mwaje no kwigisha i Save ndetse no muri Kaminuza y'u Rwanda. Amakuba abahutu b'i Burundi banyuzemo namwe mwayanyuzemo. Kuva ku itariki ya 24 Ukwakira kugeza tariki ya 28 Ukuboza 1988 mwarafunzwe muzira ibitekerezo byanyu.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, intambara ntimwayirwanye mwenyine. Yabaye iy'abahutu bose. Ab'i Burundi babimburiwe n'ishyaka PALIPEHUTU rya Nyakwigendera Gahutu Remy waguye ku rugamba. N'abahutu bo mu Rwanda ntitwari dusinziriye. Ikinyamakuru cy'abahutu KANGURA, ijwi rigamije gukangura no kurengera rubanda nyamwinshi, cyaharwanye inkundura kandi kiracyakomeza. Umuyobozi wacyo, Ngeze Hassan, umuvugizi w'abahutu, yafunzwe inshuro nyinshi azira koy'

Komeza rup. 15

# FORA ! BUYOYA NA UPRONA BAZIZE IKI ?

Umucuranzi w'icyamamare Salif Keita bamubajije impamvu atariririmba Perezida w'igihugu cye Mali, arasubiza ati: "indirimbo namuririmbira avuyeho bajyana. Nkaba ndahombye". Yabivuze hambere aha muri za 80. Icyo gihe abaperezida bose bo muri Afurika basabaga abaturage bayobora kubaririmba ibyiza birimo ubutwari, umurava no gukunda igihugu kandi atari ko bimeze. Ubu iyo ngeso iragenda ihanagurwa n'inkubiri ya demukarasi ishingiye ku mashyaka menshi. Ariko Bwana Buyoya we n'ubwo yemeye amashyaka menshi ntatseta ibirenge, yarakomeje kuririmbwa ku nsamirizi no kuri televiziyo. Yakomeje kumva inkomamashyi zikaraga umuhogo ngo BUYOYA ni umugabo w'ubumwe n'amahoro. Ariko se izo ndirimbo tuzongere tuzumve vuba aha ?

Urundi rugero ruri buze kudufasha gusesengura itsindwa rya BUYOYA na UPRONA turaruvana kuri Musenyeri A. KAGAME, mu gisubizo cye yahaye abanyeshuri yigishaga muri Kaminuza y'u Rwanda. Icyo gisubizo kimeze nk'urwenya ariko gihatse ubwenge n'ubushishozi bitari bike. Mu by'ukuri, umwe mu banyeshuri yabajije Musenyeri A. KAGAME ati: "mwaba muzi inyaga"? Ubundi inyaga ku munyeshuri wo muri Kaminuza y'u Rwanda bisobanura mbere na mbere umukobwa "utanga". Noneho bikongera bigasobanura icyo abazi ikinyarwanda bose babona kuri iryo jambo. Musenyeri rero, ibyo byose yari abizi. Nibwo, mbere yo gusubiza, abanje kwitegereza wa munyeshuri ku buryo bumucengera wese cyane cyane mu bwonko.
Noneho aramusubiza ati: "... n'umwobo wayo nawukandagijemo ikirenge". Mu yandi magambo Musenyeri A. KAGAME yari azi neza inyaga akamenya n'aho ziba. Ikindi kandi yeretse uwo munyeshuri ko yamenye aho ikinyabupfura cye kigarukiye.

Petero BUYOYA rero nawe yabajije abaturage yari ayoboye niba bazi amahoro n'ubumwe. Abibabaza hakozwe amatora. Igitugu cy'ishyaka rimwe rukumbi UPRONA aba arieyo cyerekana ko Abarundi bazi amahoro n'ubumwe. Nyamara mu mitima ya rubanda nyamwinshi harushaho kwiyandika amahoro... nako imvururu zo muri Ntega na Marangara, imvururu zo mu Gushyingo 1991. Izo mvururu zose ziza ziyongera ku maraso y'Abahutu yandi ... ba BUYOYA aribo Mikayire MICOMBERO na Yohani Batista BAGAZA. Tube dutegereje kureba ukuntu abahutu baje gutanga igisubizo kirimo ubwenge.

Intambara igihugu cy'u Rwanda kirimo yatumye BUYOYA atagatataga hagati y'abahutu n'abatutsi. Ku mpande zombi habura abamwemera: rubanda nyamwinshi iti: "ikinamico rya nyakamwe turarizi". Abatutsi nabo bati "BUYOYA atubereye ikijuju". Akaba ariyo mpamvu umututsi Cyprien MBONIMPA n'agaco ke bashatse guhirika ubutegetsi bwe ariko bikanga. Ugutagataga kwa BUYOYA kwaturutse ku gutinya intambara simuziga impunzi z'abahutu b'abarundi zari zimaze igihe kirekire zitegura.
Ndetse hari iyapfubye mu mpera z'umwaka w'1986. Icyo gihe Perezida wari uriho yari abangamiye cyane abandi ba Perezida babiri b'ibihugu by'Afurika.

Byatumye bategura imigambi ibiri: uwa mbere wari uboroheye wari uwo guhirika ubutegetsi bwe bagashyiraho undi. Uwa kabiri wari uwo gufasha impunzi z'abarundi zigahirika ubutegetsi zikoresheje intwaro. Abo ba Perezida bahamagaje zimwe mu mpunzi bazigezaho uwo mugambi maze zirawemera.
Nyamara amaso yaheze mu kirere kuko nk'uko bimaze kuvugwa, ba ba Perezida bagerageje wa mugambi wari uboroheye uhita urya, impunzi baba barazibagiwe, zikaraba zityo. Ibyo byose BUYOYA arabizi kandi aka kanya si bwo yibagiwe igihugu ingabo zaturutsemo zije gusa kubahiriza umutekano akimara guhirikirwa ubutegetsi bwa mubyara we.

Uko biri kose bari bakwiye kumva BUYOYA kubera ko abakijije intambara. Kandi mu gihe abahutu bari gufatira ubutegetsi ku munwa w'imbunda nta cyari kubabuza kwiyi-



KA02 1822



shyurira. None ubwo bitagenze uko hari agahenge. Rubanda nyamwinshi rero i Burundi itsinze mu matora, ariko iryamire amajanja. Icungire hafi inkurikizi ya "ndatsinzwe ntibura ndarenganye". Gutsinda BUYOYA rero bisobanura gutsinda umugambwe UPRONA kuko we nawe ari iri niri ! None se ko guhera mu w'1965 uwo mugambwe wica abahutu kugera magingo aya. BUYOYA akarenga akawutura ibihozo murumva hari aho bataniye ?

Ahari aho muri 1988 n'azaba akiriho azongera yiyamamaze ? Ntacyo azagaruke abahutu bamusekere bamuhe urw'amenyo.

### Habaye ah'umugabo n'abagabo

Bwana M. NDADAYE niwe watsinze amatora. Byatangiye nk'aka wa mugani ugira uti "akazika ibisiga kava iwabo wa Sakabaka". Ijambo FRODEBU ryaje kuba ishyaka rya politiki i Burundi, ryabayeho mbere y'uko politiki y'amashyaka menshi yemerwa mu Burundi. Ribaho rifite indi sura kandi ari ikintu gisa n'igishamikiye kuri UPRONA. Muri icyo gihe NDADAYE yabonaga ko ibibazo biri mu Burundi bidashamikiye ku moko ubwayo ko ahubwo bishamikiye ku bakire n'abanyabwenge baboneka mu bahutu n'abatutsi noneho rubanda rugufi ikabigwamo mu maherere.

Mu gihe cyo kwemera amashyaka menshi FRODEBU nta kibazo yagize mu butegetsi bw'igitugu bwa BUYOYA. Uyu nguyu yaketse ko FRODEBU izakomeza kuba icyitso cya UPRONA. Nyamara ngo inda ntuyibwira icyo wayirajemo ahubwo uyibwira icyo wayiraríje. Ku rundi ruhande, ikibazo cy'abanyabwenge n'abakire hagati yabo, PALIPEHUTU, rya shyaka BUYOYA azira cyane, ntiyigeze icyumvikanaho na FRODEBU. Abayobozi b'ayo mashyaka yombi bagiye bahura bakunguranа inama, ku buryo baje guhurira ku kintu cyo gucungura GAHUTU.

Ibyo bitaba ibyo, iyi nsinzi NDADAYE ntiyari kuyironka. Ndetse, dukurikirana amatora y'i Burundi, mu minsi ya nyuma yayo, Abapalipehutu bari i Burundi, kandi nibo benshi, bari bagize ikibazo cyo gutora NDADAYE. Ariko ubutumwa bubasaba kumutora bwabagezeho bunyuze kuri ya mipaka BUYOYA yari yafunze, bubasaba gutora umuhutu mwene wabo. Ubutumwa bwababwiraga ko ari amahirwe badakwiye kwiyambura. Ubwo buryo bwakoreshejwe nta matora bwishe kuko ari icengezamatwara kandi n'impunzi z'abarundi ni abarundi bagombye kumenya ibibazo by'igihugu cyabo nk'abandi.

NDADAYE naramuka ashoye gutahuka kw'impunzi, ashobora guhura n'ibibazo bitari bike. PALIPEHUTU ubwayo iraleganya niramuka yemewe. Kuzasaba abayoboke gutahuka, abasiviri bakajya mu bandi, n'intwaramuheto zayo zikajya mu zindi. Ingabo yari yaratoje zigomba gushakirwa imirimo mu ngabo z'u Burundi Imana izakore ibyayo icyo kibazo gike murwe mu mahoro.

Muri rusange, amatora ya Perezida abahutu barayatsinze, beretse BUYOYA ko bwa bumwe n'amahoro babuzi kandi bakaba barabibayemo muri Ntega na Marangara mu mwaka w'1988, bakaza no kujya kubisura i Bujumbura mu Gushyingo 1991. Ngicyo igisubizo abahutu batekerejeho kugira ngo bagisubize Majoro Petero BUYOYA ubwo yababazaga niba bemeye ubumwe n'amahoro. Waha umuntu ibyo bintu byombi koko akanga kugutora mu by'ukuri ?

Issa NYABYENDA

# UBUTWARI BWA KANGURA NTIBUKIGIRWAHO IMPAKA.

KANGURA ivuka yaje ari ijwi rigamije kwibutsa abahutu ko bagomba kunga ubumwe. Bakareka kumarana, bagasubiza umututsi wari ubugarije bakamutereka mu mwanya we. Ingorane zari nyinshi mu kugera ku ntegano zacu: amikoro make, kutumva kw'abahutu... Dutangira twaje dukenewe. Duhanura intambara abatutsi bari barateguye imyaka 30. Ibyo ntibyaje kuduhira kuko naje kubifungirwa nsabirwa igihano cy'imyaka 20 y'igifungo nzira ko ngo navuze ko abatutsi bitegura kudusubiza ku ngoyi. Nyuma y'amezi icyenda namaze mu buroko, intambara yaje kurota. Ubwo ndarekurwa maze mpangana n'abatutsi bari barigize akari aha kajya he. Dusanga ari ngombwa ko tubatunga agatoki twereka rubanda ko hari ibyitso bikiturimo maze si ukutwijundika birabinda. Ibyitso birafatwa birarekurwa maze si ugukotana birasizora.

### Abategetsi b'ibyitso

Ubwo naje gusubizwa mu buroko nzira ko nerekanye abategetsi bafatanya n'inyenzi. Nabwo mu gihe gito mba ndarekuwe ariko biba ari uko abo bategetsi bose bavanywe mu myanya yabo kuko ubugambanyi bwabo bwari bumaze kubahama.

### KANGURA yaje gutatwa nka Bibiliya.

Kubera ko abahutu bose bari bamaze kutwizera kubera ubushishozi bwacu n'ubuhanga mu gusesengura ibizaba, abatutsi nabo baje kutwijundika maze bashinga ibinyamakuru byo kutuvuguruza. Biba byinshi, barohamo amakotanyi, demokrasi mu itangazamakuru iba igeze aho twifuzaga. Ikizere abahutu batugiriye, batwereka ko ari twe batezeho amizero ya nyuma, ko ubwiyunge bwabo ari twe babutezeho. Nibyo byaje gutuma dutera intera ndende.

### Uburwayi bw'abahutu.

Umuhutu akenshi agushyigikira akoresheje amagambo gusa. Wamusaba kugutera inkunga y'amafaranga, ubwo mukangana urumuka. Icyo kibazo cy'amafaranga cyaje kutugora kuko twari dusanzwe turi ba "mikoro make". Ukareba uko uzahangana n'abatutsi bakize muri kano karere ukagira ubwoba. Ubwo twegera umusenyeri w'umuhutu, tumugisha inama atubwira ko ukorera umuhutu atamutegerezaho imfashanyo. Ko ari ugukora ukazagorerwa n'Imana yonyine. Atubwira kandi ko umunyapolitiki mukorana agamije inyungu ze gusa. Cyangwa se akagutererana. Niko byangendekeye ubwo nafungwaga inshuro zirenze 20 muri gereza, na 35 muri za kasho za burigade. Nta munyapolitiki n'umwe wibutse ko twajyaga dushyikirana. Naje gupfusha umwana, yitaba Imana ndi muri gereza. Ariko nta munyapolitiki n'umwe waranzwe mu ishyingurwa ryo. Aho mfunguriwe naje gusubira kugisha inama Musenyeri izindi nama. Ambwira ko ubutwari bu boneka mu bubabaro. Ubwo twasanze tutakomeza kuvuga ko tuvugira abahutu kandi i Burundi bapfa urubozo.

### KANGURA n'ikibazo cy'i Burundi.

Twaje kwegera Abarundi b'impunzi baba mu Rwanda badutekerereza akababaro kabo. Batubwira ko n'ubutegetsi bw'u Rwanda ntacyo bwakoze ngo bwumvikanishe ikibazo cyabo. Ko ahubwo n'ugize ngo aravuga arahambirizwa. Ubwo baduhuza n'abarundi bandi baba hirya no hino ku isi tugirana imishyikirano. Batubwi-

ra ko amizero yabo bari bayateze ku butegetsi bw'u Rwanda. Ko ariko byananiranye. Baduhishurira ko n'u Rwanda narwo rwaguye mu mutego w'abatutsi bifuza kwigarurira akarere kose k'Afurika yo hagati. Izo mpunzi z'abarundi zemezaga ko n'umutegetsi w'umuhutu washakaga kumva ikibazo cyabo yahabwaga amafranga maze akicecekera cyangwa agahabwa ikizungerezi. Bo mbese ntibabonaga uko bazava muri ubwo bukoloni.

**KANGURA n'abahutu b'umutima.**

Naje kwegera batanu, umwe w'umunyamabanki, undi uyobora ikigo cya Leta, undi w'umucuruzi (Baheza Esdras), n'undi wigeze kuba umutegetsi maze mbasaba ko twafatanya, bagafasha Kangura mu gusezerera burundu ingoma ya gitutsi yo muri Afurika yo hagati. Nibwo hashyizweho Kangura y'igifaransa "Kangura-Magasine-Version internationale, yagurishirizwaga mu bihugu byinshi by'i Burayi ahari impunzi z'Abarundi. Icyo kinyamakuru gikora gihomba kuko ahanini cyoherezwaga imiryango mpuzamahanga ifasha u Burundi. Icyo kinyamakuru iyo miryango yacyibonaraga ubuntu. Kuko icyo twaharaniraga kwari ugusobanura ikibazo cy'abahutu bicwa urubozo bakabura kivugira. Ibyo nabyo ntibyaje kuduhira kuko naje gufungwa inshuro 8 zose nzira ko mpungabanya umubano w'u Rwanda n'u Burundi. Ibyo ntibyanciye intege kuko abahutu b'i Burundi banyandikiraga buri munsi bakanyereka ko amizero yabo bavateze kuri Kangura. Ubwo Kangura ifatwa nk'umukiza. Buri muhutu akagura Kangura akajya gusomera abatazi gusoma bityo isi yose iba imenye uko abahutu bakandamijwe. Ni muri urwo rwego. Ndadaye Melchior yanyuze i Kigali ajya i Burayi yanga gukomeza atatubwiye ko turi kumwe. Ubwo yari acumbitse muri Hotel des Mille Collines ahamagara Hitimana Noël umunyamakuru wa Kangura anamusaba ko bazana aho dukorera. Ubwo yatweretse ko adushyigikiye biradushimisha natwe tumubwira ko tutazatezuka ku ntego twiyemeje.

**Buyoya aterwa ubwoba na Kangura.**

Icyadushimishije ni uko Buyoya yagaragaje ko ku isi atinya Kangura. Ubwo tumenya ko ari twe atinya. Nibwo dusabye abahutu b'i Burundi kurushaho gucengeza amatwara ya Kangura no mu cyaro. Buyoya avuga ko Kangura ifashwa n'ubutegetsi bukuru i Kigali. Ubwo arega u Rwanda kwa Mitterand, ku mwami w'Ububiligi. Kangura ayirega mu nama za CEPGL zabereye i Goma, Kinshasa, Gdadolite, Bujumbura, Gisenyi.
Ariko icyamushegeshe ni inama yabereye ku Gisenyi aho yaje yikoreye umuba wa Kangura n° 37 asaba ko inama ya CEPGL nidahagarika Kangura ko atazagaruka mu Rwanda. Ni nako byagenze kuko Kangura itahagaritswe kandi nawe akaba atazagaruka mu nama ya GEPGL ari umukuru w'igihugu.

Ubwo amashyaka yari ashyamiranye nawe yamuboneyeho maze asaba abahutu bose kunga ubumwe bagahirika ubutegetsi bwarangwaga n'ubwicanyi kugeza ubwo babuhiritse.

**Kangura n'amatora.**

Buyoya yari yaranze gushyira ho guverinoma y'inzibacyuho yibwira ko ari uguhima abahutu. Maze yihutisha amatora. Ubwo tuba twamubonye kera, nibwo ducengeje mu baturage b'i Burundi ko Buyoya najya aza kwiyamamaza bajya bamubeshya ko bazamutora. Yamara kuhava bakaba baziko ishyaka ryabo ari FRODEBU ya Ndadaye. Tubumvisha ko ibyo Buyoya yabakoreye abica urubozo batabyibagirwa. Ubwo iyo vanjiri ya Kangura yaje gukwira mu Burundi bwose kugeza ubwo habaye amatora. Buyoya yerekwa ko usibye abatutsi b'ubanyarwanda bahungiye mu Burundi nta wundi umwifuza. Amatora araba Ndadaye Melchior n'ishyaka ry'abahutu FRODEBU bagukana amajwi 64 ku ijana. Petero Buyoya n'ishyaka ry'abatutsi Uprona bacyura umunyu 32 ku ijana. Tukaba twibaza niba Buyoya azemera gusaza atanduranije. Benshi mu bajya ga gutora bitwazaga ivanjiri ya Kangura yabagayaranakorewe photocopies nyinshi. Nguko uko ubutegetsi bwa gitutsi bwahiritswe i Bujumbura.

**Kangura yahawe impundu.**

Inkuru ikimara gusesekara mu Rwanda, abahutu bakoresheje telefoni, fax, télex, bihutiye gushimira ubutwari bwa Kangura maze batwereka ko akazi ka Kangura yakoze kazashimwa n'Imana.. Batwibwirira ko nta n'uwabona ibihembo bya Kangura.

**Icyo Kangura isabwa**

– Gukurikirira hafi ibibera i Burundi, kureba niba nta mitego abatutsi bagitsimbaraye ku bwicanyi bw'ino batega ubutegetsi bushya burangwa na demokrasi.

– Gukurikiranira hafi Perezida mushya kugira ngo turebe niba aharanira inyungu za rubanda nyamwinshi yo yamuhesheje uriya mwanya.

– Gukomeza kurandura mu mitima y'abicanyi ubwo bugome dukoresheje inzira ya demokrasi (KANGURA).

– Gukomeza gushakisha icyatuma abahutu bo kú isi bavuga rumwe. Usibye ko abenshi ari ibisahiranda, nyamwigendaho.

– Kumvisha abatutsi ko revolisiyo ya rubanda yo muri 1959 mu Rwanda 1993 mu Burundi, ko zose zagezweho kubera amatora bikururiye akabatamaza.

**Icyo Kangura isaba ubutegetsi bushya.**

Kureka ubwisanzure bw'itangaza makuru rigakorera mu mudendezo. Bityo ntihabe ukwibona kwa bamwe.

– Guhindura amategeko akandamiza abahutu (rubanda nyamwinshi).

Kubahiriza amategeko ubutegetsi bushya buzaba bwashyizeho kandi ari mu nzira ya demokarasi.

**– Icyo zabafashije Kangura mu guhirika ubutegetsi bwa gitutsi basaba Ndadaye.**

Kunoza umubano w'u Rwanda n'u Burundi.

– Kuvanaho impapuro z'inzira hagati y'ibihugu byombi, gukoresha amarangamuntu gusa.

Koroheraza ubucuruzi bwo mu nzego zose gukorana.

Gufasha abashaka kwiga bakabikora bitabagoye mu nzego zose.

– Kumvisha abarundi ko abanyarwanda ari abavandimwe bakumva ko uwabateranyaga yakubiswe inshuro burundu.

**Abayobozi ba Kangura bategerejwe i Bujumbura.**

Mu gihe ubutegetsi buriho bwari bwarimanye impapuro z'inzira, abanyamakuru ba Kangura barifuza kuba bari mu birori by'irahira rya Perezida mushya w'u Burundi, rizabera i Bujumbura mu minsi iri imbere. Dutegerejwe yo n'abantu benshi bakeneye kutumenya, ari ku ruhande rwabo duhesheje ubutegetsi nabo ku ruhande rw'abo tubwambuye. N'ubwo abatanga impapuro z'inzira muri ambasade y'u Burundi i Kigali bakiri abatutsi gusa, uhereye kuri ambasaderi, uko bizagenda kose tuzabibagezaho. Gusa umuyobozi wa Kangura, NGEZE Hassan arifuza ku ba bantu batanu bafa

——→ page 8

KA02 1824

# GUTSINDA KW'ABAHUTU B'I BURUNDI BIMARIYE IKI U RWANDA ?

Bajya baca umugani ngo "akari ku mutima gasesekara ku munwa". Abanyarwanda cyane cyane abahutu bamaze kumenya ko umuhutu mwene wabo Melchior Ndadaye yatsinze amatora barishimye cyane. Uko kwishima gufite ishingiro. Impamvu abahutu bo mu Rwanda bishima, ni uko ariya matora y'i Burundi yabayemo ubutabera. Yatumye imbaga nyamwinshi ya rubanda rugufi yo mu Burundi ihabwa ibyo yari yaravukijwe imyaka irenga magana ane n'agatsiko ka ba nyakamwe batageze no kuri 15 ku ijana by'abaturage bose.

Reka abahutu bo mu Rwanda bishimire gutsinda kwa Ndadaye, ni mu gihe! Abatutsi bari bafite umugambi wo gutegeka aka karere ko muri Afurika y'ibiyaga bigari. Nicyo bise "Corridor Hima". Abo batutsi bari hafi kugera ku mugambi wabo. Uganda barayifite, u Burundi nabwo bwari uko. N'u Rwanda rwugarijwe n'inyenzi. Muri Zaïre naho bari baracengeye mu butegetsi bwo hejuru ku buryo bamwe bari n'abajyanama ba Perezida Mobutu, nka Bisengimana wapfuye hambere aha.

Kangura ifatanije n'abahutu b'inyangamugayo yarahitambitse maze uwo mugambi ugenda uburiramo. Mu Rwanda inyenzi zakubiswe n'ikimwaro: Abahutu baracyategeka. Mu Burundi, umututsi Buyoya "yatanze imihoho" yemera icyo rubanda nyamwinshi y'abahutu yemeje. Muri Zaïre, abatutsi bahawe gasopo. Nibakomeza ivogonyo ryabo bazibonera. Keretse Uganda niyo ikiri mu bucakara bw'inyenzi z'impunzi. Ariko abanya Uganda nabo bazagera aho bahumuke maze bipakurure iyo ngoma hima.

Indi mpamvu yatumye abahutu bo mu Rwanda bishimira ugutsinda k'umuhutu mwene wabo Ndadaye, ni uko inyenzi zitakaje indiri yazo ikomeye. Ku butegetsi bw'abatutsi, u Burundi bwari indiri y'inyenzi, bwafataga umwanya wa kabiri inyuma ya Uganda. Kuva inyenzi zagaba igitero tariki ya mbere Ukwakira 1990, u Burundi buri mu bihugu byazifashije cyane kandi ku mugaragaro. Inyenzi zajyaga kurwanirira FPR, inyinshi zavaga mu miryango y'abatutsi y'i Burundi. Amafaranga menshi inyenzi zakoresheje yavaga i Burundi. Na Guverinoma ntutsi ya Buyoya ntiyatanzwe muri ubwo bugambanyi ikajya igenera inyenzi amafranga ivanye ku ngengo y'imari y'u Burundi. Inyenzi zavaga mu Rwanda zatorezwaga i Burundi, zikabona kwambukira muri Uganda. Kandi zikajyanwa na kompanyi y'indege y'u Burundi "Air Burundi". Kuva rero abahutu bene wacu aribo bategeka u Burundi, ibikorwa nk'ibyo turizera ko bitazongera. Ugutsinda kw'abahutu i Burundi gufitiye akamaro kanini u Rwanda. Impunzi z'abahutu b'Abarundi baba mu Rwanda ntibagira ingano. Kandi niko bafite akazi kagombaga gukorwa n'abanyarwanda. Abana b'izo mpunzi bariga mu mashuri kandi iyo myanya yagombye guhabwa abana b'abanyarwanda. Hari n'impunzi z'abarundi Leta y'u Rwanda itunze, itangaho amafaranga atagira ingano.




Abo bahutu bene wacu baramutse basubiye mu byabo i Burundi, u Rwanda rwakwiruhutsa gato. Amafaranga rwatangaga ku mpunzi z'abarundi rwayatanga ku mpunzi zarwo zisigaye zibarirwa muri miliyoni imwe. Kuba abahutu baratsinze i Burundi ni amahoro. Intambara y'u Burundi n'u Rwanda nta gihe itari hafi kurota hakabura gato. Byose bitewe n'urwikekwe rwaranze buri gihe ibyo bihugu bihana imbibi. Umpakanya azabaze Bagaza icyo yashakaga yimura ibyapa ku mupaka wo mu Kirundo. Azambarize Buyoya icyo yari agamije yoshya abasirikari be kurasa ku basirikari b'u Rwanda mu kik Bugesera cyangwa se yoherezamgv indege ze gutata. Melchior Ndadayechir amaze gutsinda yatwijeje ko u Burundi butazongera gushotora u Rwanda ukundi. Yagize . ati: "Kuva ubu, u Rwanda n'u Burundi nta rwikekwe". Ugutsinda kw'abahutu b'i Burundi niko gutsinda kw'abahutu bo mu Rwanda.

KANGURA

*IBIKURIKIRA P.7*

shije Kangura mu guhirika ubutegetsi bw'igitugu, bazabonana na Perezida mushya maze bakamenyana kuko ibyo bihembo bihagije. Turabisabye kandi tuzabihabwa.

**Icyo abazungu batekereza.**

Hari abazungu bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda batubwiye ko ikivi Kangura yatangiye ikirangije. Ko Kangura yemerewe kuzigwa mu mateka y'isi cyane cyane ku bazakenera kwandika amateka y'ukuntu ingoma ntutsi yahenutse. Abana bacu baziga amateka uko yatangiye n'uko yagenze. Nguwo umurage abanyamakuru ba Kangura bazasigira abaturage bo muri aka karere. Igihembo Kangura isaba abahutu bo ku isi, ni ukuzirikana ivanjiri ikubiye mu nyandiko zayo. Harakabaho ubufatanye muri byose bwa rubanda nyamwinshi.

NGEZE Hassan

## TUMENYE Melchior NDADAYE, UMUHUTU WA MBERE UYOBOYE U BURUNDI.

Melchior Ndadaye yavutse tariki ya 28 Werurwe 1953 ahitwa Murama, komini Nyabihanga, Province ya Muramvya. Afite umugore n'abana batatu. Melchior Ndadaye yize amashuri abanza guhera mu mwaka w'1960 kugeza mu w'1966. Kuva muri uwo mwaka kugeza mu w'1972, Melchior Ndadaye yinjiye mu ishuri ryisumbuye "Ecole Normale" ry'i Gitega. Yaje kurivamo mu mwaka w'1972, kubera iyicwa ry'abahutu ry'icyo gihe. Nibwo ahungiye mu Rwanda ari naho yarangirije amashuri ye yisumbuye muri Groupe Scolaire y'i Butare kuva mu mwaka w'1972 kugeza mu w'1975. Kuva mu mwaka w'1975 kugeza mu w'1980, yinjiye muri Kaminuza y'u Rwanda mu ishami rya "Sciences de l'Education", ahavana impamyabushobozi ihanitse "licence". Melchior Ndadaye afite kandi n'indi mpamyabushobozi mu byerekeye ibya banki.

Ku byerekeye akazi, Melchior Ndadaye yigishije muri Groupe Scolaire i Save muri Butare guhera muri 1980 kugeza mu w'1982. Ari nako atanga amasomo muri Kaminuza y'u Rwanda. Mu w'1984, Melchior Ndadaye yakoze mu Bitaro byo mu Kamenge. Kuva mu w'1984, kugeza mu w'1988 Melchior Ndadaye yakoze mu byerekeye ukuzigama muri koperative COOPEC. Mu mwaka w'1989, Melchior Ndadaye yabaye umujyanama mu biro bya minisitiri ushinzwe amajyambere y'icyaro. Kuva muri uwo mwaka kugeza atorewe kuba Perezida wa Repubulika, Melchior Ndadaye yari umukozi mukuru muri Banki yitwa "Meridian Bank BIAO".

Muri Politiki, Melchior Ndadaye yatangiye kera. Akiga muri Kaminuza i Butare yashinze "Mouvement des Etudiants Progressistes Burundais au Rwanda" (BAMPERE) tariki ya 3 Mutarama 1976. Iryo "shyirahamwe ry'abanyeshuri b'abarundi baba mu Rwanda" yaribereye Perezida kugeza mu w'1979. Muri Kanama 1979 Melchior Ndadaye ari mu bashinze "Ishyaka ry'abakozi bo mu Burundi" (Parti des Travailleurs du Burundi), UBU. Muri iryo shyaka yari ashinzwe itangazamakuru. Melchior Ndadaye yaje kwegura muri iryo shyaka mu mwaka w'1983 asubira i Burundi tariki ya 5 Nzeri 1983.

Mu w'1988, Melchior Ndadave yabaye Sekeretari wa mbere w'ishyirahamwe ry'abakozi b'i Burundi, "Union des Travailleurs du Burundi" mu ntara ya Gitega. Kuva tariki ya 24 Ukwakira kugeza tariki ya 28 Ukuboza 1988, Melchior Ndadaye yari mu buroko azira igitekerezo yatanze mu nama Guverineri wa Gitega yari yatumije nyuma y'iyicwa ry'abahutu muri Ntega na Marangara. Tariki ya 16 Ukwakira 1991, Melchior Ndadaye wari muri komisiyo ishinzwe gutegura itegekonshinga rishya, yareguye kubera koyabonaga ingingo zimwe na zimwe z'iryo tegeko-nshinga zarabangamiraga demokarasi mu Burundi. Icyo tutakwibagirwa ni uko Melchior Ndadaye ari umwe mu bashinze ishyaka "SAHWANYA-FRODEBU" mu w'1986 na nubu akaba akiriyobora.

# BURUNDI : AMATORA : IRYO TWAVUZE RIRATASHYE. ABAHUTU BASUBIRANYE IBYABO.

Umunyarwanda yarihoreye ati: "Nyamwanga kumva ntiyanze kubona". Abatutsi b'i Burundi twakomeje kubabwira igihe kirekire baranangira. Nta gihe tutababwiye ko ubutegetsi bari bafite ari ubwibano. Ko igihugu bategetse imyaka irenga 400 ari igihugu bibye abahutu. Twabasabye kenshi gusubiza utw'abandi. Bagasubiza abahutu ubutegetsi babibye, bakabasubiza igihugu cyabo. Batwimye amatwi. Muri kwa kwishongora kwabo kuvanze no kutareba kure, baratunanira. None dore demokarasi ibavanye ku kinyoma. Manda y'abatutsi yarangiye tariki ya mbere Kamena 1993, kandi ni burundu. Turizera ko nta mututsi uzongera kuvogera rubanda nyamwinshi y'abarundi. Ubutegetsi bubaye noneho ubw'abaturage, bwatanzwe n'abaturage, bugiye gukorera abaturage. Natwe nibyo twasabaga.

Ibyabaye mu Burundi bitwereka ko demokarasi ariyo yonyine ishobora kurenganura abarenganye. Bibere kandi isomo abibwira ko bashobora




gupfukirana abaturage ko bidashoboka. Melchior NDADAYE yiyamamaza yibwiriye BUYOYA ko abantu we yibwira ko afite baba ari abe ku manywa, n'ijoro bakaba aba FRODEBU. Melchior NDADAYE icyo yashakaga kubwira BUYOYA n'abatutsi bo muri UPRONA ni uko bibwiraga ko bafite abantu benshi babashyigikiye nyamara bibeshya. N'abahutu yibwiraga ko yifatiye bamweretse ko bahumutse. Burya si buno di !

Abatutsi b'i Burundi babaze nabi cyane kimwe n'umuntu wese utekere-

KA02 1826

za nkabo. Muri demokarasi hose ku isi hari ihame ridahinduka. Nicyo bita "la loi de la majorité". Kugira ngo inyenzi nazo zumve icyo bivuga tubishyire mu rurimi rw'icyongereza. Aho zizi icyo bita "Majority rule" ? Iryo niryo shingiro rya demokarasi nyayo. Kandi demokarasi ni imwe ku isi yose. Ntihazagire rero ubeshya rubanda ari nako yibeshya, ngo hari "démocratie à la burundaise", demokarasi ndundi.

Na HABYARIMANA nawe yari yarifatiye abantu yarababoheye mu byo yise "demokarasi resiponsabule". Iryo hame ry'uko rubanda nyamwinshi ariyo igomba gutsinda riremewe hose ku isi. Ahubwo cyane cyane mu bihugu byiyita ko bigendera kuri demokarasi by'i Burayi no muri Amerika ya ruguru. Umpakanya ambwire niba nko muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika umwirabura azapfa abaye Perezida wa Repubulika. Birashoboka ariko birakomeye. Impamvu nta yindi, si ukwanga abirabura. Impamvu ni uko muri icyo gihugu abirabura ari bake ugereranyije n'abazungu bahari.

Abakurikiranira hafi amatora aherutse kuba mu Burundi, batubwira impamvu zatumye BUYOYA atsindwa. Baremeza ko BUYOYA n'ubwo yari umwicanyi, yazize cyane cyane UPRONA n'abatutsi. Radiyo "Deutche Velle" y'Ubudage niyo yabivuze neza igira iti: "NDADAYE ntiyatsinze BUYOYA, yatsinze UPRONA n'abatutsi". Kandi koko ugasanga ari byo, UPRONA yakoze amarorerwa menshi ku buryo abarundi, abahutu mbere na mbere yari yarabavuye ku mutima.

Kuba rero umukandida w'ishyaka nk'iryo ni ukwiyahura. Niwo mutego BUYOYA yaguyemo. Aramaze ariko kuko uwiyishe atariririwa kandi inyenzi zose ni zimwe. Si MICOMBERO, si BAGAZA, si BUYOYA bose ubugome ni bumwe. BUYOYA twamubwiye kenshi ukuri ku byabereye mu gihugu cye. Aho kwikosora agakomeza kunangira umutima. Aka wa mutima muhanano wabuze gihana. BUYOYA aho kwikosora yataga igihe cye ahiga abanyamakuru ba KANGURA ngo barasabota ubutegetsi bwe. Ukuri kwa KANGURA kwari kwarashajije BUYOYA ku buryo nta nama y'abaminisitiri yateranaga itavuze KANGURA. Kuri Radiyo na Televiziyo y'u Burundi bikaba uko. Mu nama iherutse ya CEPGL, BUYOYA wagira ngo yari yasaze. Yikoreye umuba wa KANGURA n°37 ngo aje kuyereka Perezida w'u Rwanda. HABYARIMANA nawe rero ntacyo wamubeshya, yamuhaye "pole" ariko amwumvisha ko itangazamakuru mu Rwanda ryigenga. Ko nawe ritamurebera izuba iyo bibaye ngombwa.

BUYOYA afata KANGURA azibangira ingata asubira i Bujumbura. Nyuma yaje kugambana n'icyitso cye NSENGIYAREMYE (nawe ntaraye), umuyobozi wa KANGURA arafatwa arafungwa. Ntiyatinzemo ariko kuko ibyo bamuregaga nta shingiro byari bifite.

BUYOYA ntiyatinze kubona ko yibeshye. Twamubwiye kenshi ko amatora ye ya huti huti atazamusiga amahoro. None se umutego mutindi ntiwica nyirawo ? BUYOYA twagerageje kumwumvisha ko abarundi bahumutse-batakiri ibicucu. Yibeshye ko KANGURA itareba kure. Urwishigishiye rero ararusoma. Amatora BUYOYA yiteguriye niyo amukozeho. Uretse ko nta kundi nyine byari kugenda. BUYOYA yasetse BAGAZA ngo azize amadini cyane cyane kiliziya gatolika yakomeje gutoteza. We twavuga ko azize iki ? Tuvuze ko azize ukuri kwa KANGURA ntitwaba twibeshye. BUYOYA nagende twaramuburiye !

Mu nimero ya KANGURA n°38 ku gifuniko hari igishushanyo cyerekana umuyobozi wa KANGURA aha BUYOYA umuti wa Demokarasi, anamuburira ko azawunywa ku ngufu. BUYOYA yabanje kuwanga none yarawunyweye burundu abishaka atabishaka. Muri iyo nimero kandi hari inyandiko igira iti: "BUYOYA w'umututsi na NGEZE w'umuhutu hazatsinda nde ?". Hatsinze nde ? BUYOYA wenyine niwe wasubiza icyo kibazo. Hari icyo tutamubwiye ? Hari aho twamuhishe ? Ntazaturenganye.

KANGURA

## UKO AMATORA YAGENZE MU BURUNDI

| | FRODEBU NDADAYE Melchior | UPRONA — BUYOYA Pierre |
|---|---|---|
| Mairie | 44,72% | 53,06% |
| BUJUMBURA RURAL | 77,98% | 20,08% |
| GITEGA | 63,94% | 33,91% |
| NGOZI | 67,27% | 29,33% |
| KAYANZA | 61,82% | 32,52% |
| BURURI | 53,56% | 45,53% |
| BUBANZA | 84,15% | 14,23% |
| CIBITOKE | 84,87% | 13,21% |
| RUTANA | 58,31% | 41 % |
| RUYIGI | 70,06% | 29,12% |
| CANKUZO | 30,54% | 66,04% |
| KARUZI | 69,20% | 26,69% |
| KIRUNDO | 76,65% | 21,59% |
| MURAMVYA | 50,92% | 47,19% |
| MAKAMBA | 62,28% | 35,98% |
| MUYINGA | 67,51% | 28,30% |
| ETRANGER | 16,93% | 80,66% |
| TOTAL | 64,79% | 32,47% |
| SOIT | 1,486,785 Voix | SOIT 745.079 Voix |

# AFURIKA IZATEGEKWE N'INYESHYAMBA !

Umugabane w'Afurika ni umwe mu migabane y'isi babarira mu migabane ikiri inyuma mu majyambere «Tiers Monde». Muri iyo migabane harimo umugabane w'Aziya ndetse n'Amerika y'amajyepfo. Amajyambere si ukugira inganda n'amafaranga gusa. Amajyambere agaragarira no mu bitekerezo. Ibihugu bibarirwa mu bikiri inyuma mu majyambere «Tiers Monde» byakunze kwibasirwa n'amakuba y'ubwoko bwose. Iyo atari amapfa, aba ari umwuzure, cyangwa se ikirunga kikagira gutya kikivu mbura kikamena umuriro wacyo ugahitana imbaga y'abantu.


Amakuba akunze kugwirira ibihugu byo muri «Tiers Monde» ni intambara z'urudaca akenshi ziba zishingiye ku moko, ku turere, ku idini....

Ingero ni nyinshi : Liberiya, Somaliya, Cadi, Libani, Etiyopiya, Sudani, Yugosalaviya tutibagiwe n'u Rwanda. Abantu bakarwana ntacyo bapfa kigaragara. Bakaziyunga nyuma igihugu barakigize umuyonga, abantu barapfuye barashize, abahunga barahunze. Cyangwa se intambara ikarangira ari uko habonetse utsinze.

Ubundi mu mategeko mpuzamahanga nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo gufata intwaro ngo ahirike ubutegetsi buriho, abaturage bishyiriyeho. Niyo wowe waba utabwishimiye. Wabwamagana mu bitekerezo, mu manama mpuzamahanga ariko nta burenganzira na bumwe umuntu uwo ari we wese afite bwo kubuvanaho ku ngufu. Niyo bwaba ari ubw'igitugu, dore ko ntawe usimbuza igitugu ikindi gitugu. Muri Afurika, iyo ndwara yabaye icyorezo. Umuntu wese ufite inyota y'ubutegetsi ajya mu ishyamba. Abenshi barahirwa, abandi amahirwe akababana make. Iyo babuze uko babigira biyoberanya mu matora.

Ingero sizo zibuze. Gusa turafata zimwe muri zo zitugaragariza neza ko muri Afurika, kwigira ikigomeke aribyo bigezweho. Ijya kurisha ihera ku rugo.

Mbere y'uko inyenzi zigaba igitero tariki ya mbere Ukwakira 1990, mu Rwanda hariho ubutegetsi. Yego Perezida Habyarimana yagiyeho akoze «coup d'Etat» mu w'1973, ariko sibyo byari kuba intandaro y'igitero cyo mu Kwakira 1990. Ubutegetsi bwa Habyarimana n'ubwo bwose atari shyashya, bwari bumaze kumenyerwa, abaturage barabuyobotse. Nawe ubwe yakoresheje amatora, aratorwa n'ubwo bwose ari we wari umukandida wenyine kuri uwo mwanya. Mwavuga muti nta demokarasi yari irino kuko abanyarwanda twese yari yaratuboheye muri MRND. Ibyo ari byo byose sibyo inyenzi zari kwitwaza ngo zifate imbunda zishoze intambara mu gihugu cyigenga, gifite amategeko kigenderaho.




Ibyakurikiyeho murabizi. Inyenzi zimaze kubona ko zitagifashe igihugu mu minsi itatu nk'uko zabiteganyaga, zacishije bugufi. Ubu zirajijisha mu mishyikirano zinizera kuzahatana mu matora. Uretse ko ku nyenzi mbona bikomeye gutsinda amatora kurusha intambara y'amasasu.

Muri Uganda, inyeshyamba za Museveni nazo niko zabigenje. Museveni amaze gutsindwa amatora mu w'1982, yahisemo gufata iy'ishyamba, abeshya ko bamwibye amajwi. Icyo Museveni yaharaniraga si uko demokarasi yagera muri Uganda. Icyo yari yimirije imbere ni ugufata ubutegetsi ku ngufu. Dore ko bigeze no kumuhendahenda ngo abe Visi-Perezida wa Uganda akanangira ngo keretse ariwe utegetse byanze bikunze. Yabigezeho kandi ntashaka kurekura. Demokarasi yabeshyaga ko aharanira ubu si we ufata iya mbere mu kuyiniga ?

Muri Angola, umugabo Jonas Savimbi Perezida wa UNITA agiye kumara hafi imyaka 18 ari mu ishyamba. Mu myaka ya mbere na mbere, icyo Jonas Savimbi yarwaniraga cyarumvikanaga. Uwo mugabo ari mu baharaniye ubwigenge bw'igihugu cye cyari mu bukoronize bw'abanyeportugali. Ariko ikitumvikana ni ukuntu Savimbi yasaba amatora, ayo matora akaba. Yamara kumenya ko yatsinzwe akongera agafata intwaro intambara ikubura. Ubwo ngo araharanira kubohoza abaturage ba Angola. Nyamara bigaragara ko Savimbi yishakira ubutegetsi bwa wenyine. N'abanyamerika bamushyigikiye iyo myaka yose bamaze kumutahura.

Izo ngero uko ari eshatu ziragaragaza ko inyeshyamba zisigaye zarahawe intebe muri Afurika. Kandi akenshi nta cyo zirwanira kigaragara uretse urugomo. Kandi aho tugeze ubu si igihe cyo gutegekesha iterabwoba. Iryo terabwoba niryo inyenzi zisigaye zikangisha mu mishyikirano. Paul Kagame ngo nizitsindwa mu matora zizasubira mu ishyamba. Tito Rutaremara we ngo inyenzi nizitabona 50 ku ijana by'abasirikari ngo zizarwana ! Mwumve namwe.

KANGURA.

KA02 1828 -

# BA OFISIYE BACU BARAKOTANA

Nyuma y'uko dusohora KANGURA No 42, twabagejejeho ukuntu hari aba ofisiye bariye amakotanyi ngo bagambanire urwatubyaye. Twabagejejeho ukuntu hari ba ofisiye baha misiyo yo guteranya abanyamakuru ba Kangura n'inzego z'ubutegetsi. Kangura ikimara gusohoka twaje guhamagarwa kuri telefoni n'umu Koloneri utarashatse ko tumuvuga amazina maze atubwira ko Komanda Bizimana yasanze yarakoze amarorerwa menshi, akaba abona Kangura niyatangaza bizamugwa nabi. Nibwo yihimbiye umugambi wo gusebanya. Ubwo akora telegramu za buri munsi abwira inzego zo hejuru ko yatahuye inkuru nshya. Ngo yamenye ko NGEZE Hassan akorana n'inyenzi. Ibyo kugira ngo byemerwe telegramu zoherezwaga mu bigo byose bya gisirikari zemeza ko Kangura yaguzwe n'umwanzi: Ngo isopanya umubano w'u Rwanda n'u Burundi maze inyenzi zidutera ariyo ziturutse.

Mwumve ubwo bwenge ra! Ese iyo aza gutekereza agahimba undi mugambi kuko uwo udafite ishingiro!

Hari n'abamubajije gutanga ibindi bimenyetso arabibura, arya indimi ngo kuba twibanda ku kibazo cy'u Burundi ngo birahagije. Ese wakorera inyenzi ukanazihirika ku butegetsi nk'uko byagenze i Burundi? None se ko Kangura yasezereye ubutegetsi bwa gitutsi mu karere k'Afurika yo hagati noneho Bizimana azatanga izihe telegramu? Etat Major imaze kurambirwa n'amatiku ye yohereje telegramu hose mu Rwanda isaba ko NGEZE Hassan atazongera kwemererwa kwinjira mu bigo bya gisirikari. Ese ubundi hari itegeko nari narahawe ryo kwinjira mu bigo bya gisirikari kandi ntari we? Ni akumiro...!!! Arabura gutekereza icyo azakora amaze gusukwa hanze n'imishyikirano y'Arusha akirirwa acura amatiku adafite ishingiro. Yagombye kumenya ko na Koloneri Rutayisire Komanda Karangwa batanze telegramu nyinshi bemeza ko Kangura ikorana n'umwanzi ngo kuko ihirika ubutegetsi. Ngo kandi n'umwanzi akaba yifuza ko abategetsi bahikwa. Baje gusanga baruhira ubusa. Kuko abategetsi barwanagaho bahiritswe na Kangura No 6. Rutayisire we yaje kugwa mu mutego kuko twaje kuvumbura ko arimo ahimba telegramu maze tumutanga i bukuru tumurega ko arimo gutegura umugambi wo kuduhimbira. Maze yohereza ayo mahomvu twe twamutanze. Nyuma yaje kubimenya maze agira ikimwaro none ntanagitinyuka gukandagira aho yaduteranyaga! Uhangana na Kangura ntibimugwa neza ubihakana azabaze abahiritswe nayo cyangwa se abaze Buhinja Buyoya.

**NGEZE Hassan.**

---

**(a)**

NGEZE Hassan
Directeur du Journal
KANGURA
Conseiller du parti C.D.R

Kigali, le 1/06/1993

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
KIGALI

Impamvu: Kwishingana.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Mbandikiye mbagezaho umugambi mubi w'ubwicanyi urimo gutegurwa na Commandant Bizimana André ushinzwe kuyobora abajandarume bo ku Gisenyi.

Amavu n'amavuko y'ikibazo.

Commandant BIZIMANA akimara gushingwa kubungabunga umutekano w'abatuye ku Gisenyi, yanyuranije n'integano yari ashinzwe, yigira indakoreka. Yiyibagiza ko u Rwanda rwinjiye mu mashyaka menshi, arica, ariba, n'ibindi byinshi muzi. Abaturage bakunze kubibagezaho babasaba ko mwamuhagarika ku kazi agashyikirizwa ubucamanza.

Akigera ku Gisenyi yari avuye i Kigali aho yaregwaga kwica abantu akoresheje inkoni n'imipanga. Abikora yitwaza ko ari we utegeka Fichier Central. Amadosiye y'abo yagize ibimuga, murayazi: Kuko bene kwicirwa bakunze kubibagezaho. Ubu yari umukozi usanzwe, utungwa n'umushahara we nk'abandi bose. Aho atakomereje aho, yihutiye kwiba akora ibinyuranije n'akazi ashinzwe maze Perefegitura ayigira umuyonga. Twe tubibonye, dusanga tutakomeza kwihanganira ayo marorerwa akorerwa mu karere dutuyemo abayoboke 99 ku ijana by'abahatuye. Dukubitiyeho ko n'itangazamakuru twaharaniye ritatwemerera guceceka ayo marorerwa nibwo twiyemeje gushyira ahagaragara ubwo busambo bwe n'ubwicanyi azwiho.

Muri Kangura No 42, twasobanuye ku buryo bugufi ukuntu Commandant Bizimana akora n'icyo abaturage bamutekerezaho. Ubwo dushyiramo ilisiti y'abo yari kuzica mu biro bya Minisitiri w'Intebe, Commandant Bizimana abonye ko yatahuwe nibwo yiyemeje gushyirisha umuyobozi wa Kangura NGEZE Hassan mu buroko ku mpamvu tugiye kubagezaho. Gusa, yiyibagiza ko abaturage bamushinja ko inzu yuzuje ku musozi wa Rubavu yayubatse mu mafaranga avanye mu basahuzi. Abaturage bari bagiye kuyisenya kubera uburakari batewe no kudahindurwa kw'icyo gisambo: Kandi kibatagekesha igitugu. Uwo mugambi Commandant Bizimana yaje kuwuburizamo ari uko abimenye mbere.

Kuba abajandarume ashinzwe kuyobora bari bagiye kumwirasira ubwabo bamuziza kumukeka amababa we n'umugore we, biragaragaza ko ntawe umwifuza. Dore ko binavugwa ko umugore we yaba ari umututsikazi wanga abahutu

urunuka. Twabajijie Commandant Bizimana icyo umugore we yangira abahutu, atubeshya ko ibyo bivugwa ari ukubeshya ko ahubwo ari amakimbirane y'umugore we n'abo bakorana. Kuba abajandarume be bari bagiye kumwirasira ubwabo akarusimbuka, biragaragaza ko abo ategeka nabo batamwifuza.

Ubu tubiyambaza, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, abaturage bamuciye mu mugi wa Gisenyi, nta nzu agomba gukandagiramo kuko biyemeje kuzamukubitira mu muhanda we n'umugore we nibatimurwa bombi. Hakaba hari n'urwandiko rurimo gutegurwa ruzashyirwaho umukono n'abantu 4.000 berekana ko uwo muntu batamwifuza. Urwo rwandiko rukazahabwa inzego zose zimushinzwe.

Turebe ibyerekeye ubwicanyi.

Mu gihe abasirikari bigabizaga ingo z'abaturage mu mugi wa Gisenyi, hakozwe ubwicanyi, ubusahuzi, bikorwa n'abasirikari bazwi barimo na ba ofisiye bazwi, baherekeje abo bayobora mu kwica, no gusahura. Muri abo basirikari harimo Commandant Bizimana André. Icyababaje abantu ni uko ari we wagombaga kurinda aho ashinzwe no kubaburira. Dore ko ikigo cya jandarumori ayobora kiri mu mugi rwagati. Nyamara abaturage bababajwe n'ukuntu, umushyushyarugamba wo ku Gisenyi witwa Sekidende, yaje kubona Commandant Bizimana apakiza amasima, yamubaza ati mbese nawe Commandant urasahura, maze Bizimana akamutsinda aho. Ibyo byose aka kanya arabyiyibagije. Ese abaturage bibagiwe aba ofisiye bayoboye ibitero byabasahuye? Ese uwabaza Bizimana aho yakuye amafaranga yubatse igorofa kuri Rubavu yahasobanura? None se ayo yahembwe kuva yakora yavamo ayubatse iyo nzu? Ese ubucuruzi bw'amatafari akorera kuri Goma hari utabuzi? Ibyo byose twabikoreye idosiye tuzabitangaza muri mitingi no mu binyamakuru. Dore ko noneho Commandant Bizimana asigaye avugwaho kuba icyitso by'inkotanyi mu ngabo z'u Rwanda. N'ubwo we yivugira ko icyangombwa ari inoti gusa: None se amafranga siyo atuma we n'umugore we bicisha abanya Gisenyi?

Bite na KANGURA?

Commandant Bizimana amaze kubona ko iminsi mirongo ine kuri we iri hafi, yahisemo kunyambura uburenganzira mpabwa n'amategeko. Ubwo nahise murega mu rukiko rw'iremezo rwa Gisenyi. Ubwo Perezida w'urukiko ikibazo agikemura akinyujije mu nama y'umutekano. Ibyemezo byafatiwe muri iyo nama mu gihe bitarajya mu bikorwa, yacuze undi mugambi wo gufungisha abanyamakuru ba Kangura. Yarangiza akohereza abantu babatsinda muri gereza bakoresheje uburozi nk'uko byagenze kuri mugenzi wacu Mutombo. Byananirana agashyiraho umuntu ngo abarase yitwaza ko bashakaga gutoroka.

bwo kubogamira inyungu za KANGURA. Ubwo yaje kumenya ko imodoka yagurishijwe noneho ahimba amayeri, avuga ko yaguzwe mu mafranga y'amibano. Twe turasaba ko amategeko igihugu cyacu kigenderaho yakubahirizwa. Itera bwoba rikajyana n'ubutegetsi bw'ishyaka rimwe. Abasirikari basahuye bafashwe bagakorerwa amadosiye, uwa mbere yaba Commandat Bizimana André. Ibyo yasahuye biragaragara, nibyo byubatse inzu afite kuri Rubavu.

Uwo musirikari wabuze akabazwa inzego zimushinzwe cyangwa umugore wa Commandant Bizimana. Ntihagire ufungwa binyuranyije n'amategeko. Ntihagire urenza amasaha 48 kuri burigade. Hagira ujya muri gereza ntihagire urenza iminsi itanu disoye itaragezwa mu rukiko.




Muri ubwo bugambanyi, Commandant Bizimana André aherutse kujya gukoresha impapuro zijyana Ngeze Hassan muri gereza maze akamukorera ibyo tumaze kuvuga haruguru: Dore uko yabigenje:

— Kangura yari itunze imodoka GB.24.53 maze tuyigurisha n'umusirikari aduha amafranga "cash" twifuzaga. Tujya guhinduza ibyangombwa byayo ku mukozi wa Finance ku Gisenyi. Impapuro zimaze gukorwa ngo uwo musirikari yaba yari afitanye amabanga na mugore wa Commandant Bizimana maze baza guhemukirana. Maze uwo mu ofisiye aza kubura ku mpamvu zizwi nabamukoresha n'umugore wa Bizimana. Ubwo Bizimana yaje gufata iyo modoka arayifunga yibwira ko ari bwo buryo

Kandi umuntu akabazwa n'inzego zizirana n'iterabwoba. Naho kwitwaza ngo ikinyamakuru cyaramutahuye nawe ahitamo uburyo bwo guhiga abantu yitwaza akazi akora ntibihwitse. Ntibihuye n'igihe tugezemo. Ese ko namureze mu rukiko kuki atareka ngo tuburane? Ese kwiriranwa impapuro zihiga umuntu nkaho yambuze, aho yiyumvisha ingaruka byakurura abaturage baramutse bagaragaje uburakari bamufitiye? Ku byerekeye amarorerwa Commandant Bizimana yakoreye abanya Gisenyi, duhisemo kuzakoresha ingufu za politiki n'iz'abaturage mu gukemura icyo kibazo.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, tubiyambaje tubasaba gukurikiranira hafi icyo kibazo.

Mugire amahoro.

Uhagarariye KANGURA
NGEZE Hassan

Bimenyeshejwe:
- Perezida w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi. Gisenyi
- Procureur wa Repubulika Gisenyi
- Perefe wa Gisenyi Gisenyi
- Abasomyi ba Kangura (bose)
- Abiyemeje kuzafatira Bizimana André ibyemezo (bose)

Journal KANGURA
Comité de Rédaction
NGEZE Hassan :Directeur de Publication et Rédacteur en Chef
NYABYENDA Issa : Rédacteur en Chef Adjoint
NDEKEZI Bonaparte : Journaliste
MIRASANO Célestin : Journaliste
SIBOMANA NABANTU : Journaliste
SIMBIZI Stanislas : Journaliste
HITIMANA Noël : Journaliste
Icapiro : Imprimerie Nationale du Rwanda.
Tirage : 30.000 exemplaires

KANGURA ibarizwa mu Burundi hose:
- Bujumbura (Mairie): ni kwa NTAKABANYURA Joseph ku Musaga.
- BUJUMBURA (Rural): ni kwa NYANDWI Dieudonné mw'i Sale
- GITEGA: ni kwa NTAHIMPERA Grégoire i Nyamugari
- CIBITOKE: Ni kwa NDAYISENGA Jules mu Rugombo.
- KAYANZA: ni kwa NZOBONIMPA André w'i Gatwaro
- MURAMVYA ni kwa KARIBWAMI Benoît mu Biganda
- BURURI: Ni kwa KABURA Marcelle i Kiremba
- BUBANZA ni kwa HARIMENSHI Jean Marie ku Mwokora
- KIRUNDO ni kwa MACUMI Jonas mu Rusarani
- MUYINGA ni kwa BASOMINGERA François Xavier kw'i Taba
CANKUZO: ni kwa MANARIYO i Mushisha
RUYIGI: ni kwa BURARAME Antoine i Muyaga
- RUTANA: ni kwa SAKUBU Léonce i Nkoma
- MAKAMBA: ni kwa NTAKABURIMVO Martin i Nyabigina
- KARUZA: ni kwa BARUTWANAYO Emmanuel i Buhiga.
KANGURA irabarizwa no muri za mitingi zose z'amashyaka aharanira guhirika ubutegetsi bwa Gitutsi.

**(b)**

NGEZE Hassan
Journal KANGURA

Kigali, le 2.06.1993

Kuri Bwana Procureur,

Impamvu: Gusobanura.

Bwana Procureur

Mbandikiye mbasobanuza ku bibazo bibogamiye ubuzima bwanjye, n'uburenganzira bwanjye muri rusange. Uyu munsi namenye ko mwakoze impapuro zo kunshakisha ngo mfatwe mfungwe. Ntaburanye ngo ibyo kuburana bizakorwe igihe muzabishakira. Ibyo nkaba nsanga bishobora guhungabanya umutekano mu karere ka Gisenyi namwe kandi mudasigaye kuko mugatuyemo, kandi mukaba ari naho mukorera.

Inkuru y'imvaho itugezeho ivuye mu bakozi mukorana iratwemeza ko umuyobozi wa jandarumori ku Gisenyi ngo yababajwe n'ibyo Kangura yamwinditseho maze aza kubasaba ko mwamutera inkunga mukamukorera impapuro zimfunga. Ngo ibyo mwarabyemeye kuko impapuro zinshaka ubu zirahari. Gusa, icyo umuntu yakwibaza ni iki: Ko ntuye komini Rubavu, segiteri Gisenyi namwe mutuyemo kandi mukoreramo ko mutantumira ngo mumbaze ibyo mwifuza, ahubwo mugakora impapuro zinshakisha nk'aho nabuze. Mwibuka ko njyewe ubwanjye naje mu biro byanyu mbagezaho ikibazo cyanjye na COMMANDANT BIZIMANA utagishakwa n'abatuye ku Gisenyi kubera ubwicanyi yagiye abakorera. Mbabwira ukuntu yanyambuye uburenganzira bwanjye, mbasobanurira ko icyo kibazo nagishyikirije Perezida w'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Gisenyi nawe yaje kugishyikiriza inama y'umutekano ya Perefegitura ya Gisenyi.

Twumvise ko impamvu Commandant BIZIMANA atanga avuga ko ngo imodoka KANGURA yari itunze yayigurishije abasirikari bakuru bo mu ngabo z'u Rwanda. Ese hari icyaha kirimo ? Izo modoka ni Peugeot 504, plaques GB 2493 nagurishije umu Komanda na Toyota GB 2453 nagurishije umu Lieutenant. Abo basirikari bose akaba ari ingabo z'u Rwanda. Ese kubagurisha hari icyaha kirimo ?
Ko abo bose twaguze ku buryo bwemewe n'amategeko, tugahinduza ibyangombwa uko amategeko abiteganya, Commandant BIZIMANA kwitwaza ko amafaranga baguze ayo mamodoka yari amibano abona byamugeza kuki ? Kuki abo basirikari atabikurikirana niba abifiteho uburengazira ? Ese niba ashaka gukurikirana abasirikari bazwiho n'abaturage ko ari rikari bazwiho n'abaturage ko bibye, ni kuki atiheraho ngo yikomu ba ofisiye basahuye ku Gisenyi umunsi Gisenyi isahurwa ? Ese urupfu rwa SEKIDENDE yarashe amuziza ko yamumenye mu isahura rwo ntiruhagije ngo yishyikirize ubucamanza ?
Ese niba ashaka ko abasirikari basangiye ibyaha bakorerwa dosiye, ni kuki adakora iza ba Ofisiye bazwi n'abaturage ku Gisenyi ko bibye bakica, bagasahura kandi nawe arimo ? Nifuzaga ko mutaterwa ubwoba naCommandantngo bitume mwica amategeko mubizi. Nimugerageze kubahiriza demokarasi niba hari ibyo mushaka kutubaza mudutumeho, mukoreshe inzandiko zabigenewe tuzabitaba. Naho bitagenze gutyo byabyara izindi mvururu kandi abazikira ngirango ni bake.

Ku byerekeye ko Commandant BIZIMANA yandikwa mu binyamakuru, turagirango tubibutse ko kudukangisha kudufunga ntacyo bidutwaye kuko burya iyo dufunzwe ariho dutsindira vuba ibyo duharanira. Inshuro ya 20 nafunzwe muri gereza na 35 nafunzwe muri kasho za burigade zatumye dutsindira ibyo twaharaniraga.
Gusa tubasabye kuzatubwirira Commandant BIZIMANA ko demokarasi izirana n'iterabwoba kandi

ko muri demokarasi iyo ikinyamakuru cyakwanditse usabwe kunyura mu nzira zikurikira.
- gusubiza nk'uko biteganywa n'amategeko
- kurega n'uko biteganywa n'amategeko
- guceceka iyo ntacyo ushoboye
- kugura nimero zose uba wasohotsemo iyo wifite

Ibyo byose naburamo kimwe akora nawe azakore icye kinyamakuru avugiramo. Umugambi wose tumaze kuwutahura twiyemeje guhangana n'iterabwoba ryose aho riva rikagera, kuko ntawe utsinda utsinda atarushye. Icyo tubasaba ni uko mwakurikiranira hafi icyo kibazo maze amategeko akubahirizwa. Iterabwoba rigasigarana abaryize.

Ubiyambaje
NGEZE Hassan

Bimenyeshejwe :

- Perezida wa Repubulika
- Minisitiri w'Intebe
- Perezida w'Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwo ku Gisenyi
- Abasomyi ba Kangura (bose)
- Abaturage bababajwe na Commandant BIZIMANA (bose)

yamagana akarengane ka bene wabo bo mu Burundi.

Ugutsinda kwanyu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika niko gutsinda kwa KANGURA, niko gutsinda kw'abahutu bose.

Mugire amahoro !

Bikorewe i Kigali
Ku wa gatanu tariki ya 4/6/93
Uhagarariye KANGURA
NGEZE Hassan

(c)

# DUFASHE GUVERINOMA GUTAHURA ABISHE GAPYISI.

Ubwanditsi bwa Kangura
C/O Gisenyi - Information
B.P. 1312 Kigali

Kigali, le 2/06/1993

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
KIGALI

Impamvu : Urupfu rwa GAPYISI

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

Nyuma y'uko abishe GAPYISI Emmanuel anketi itarabatahura ngo bijye ahagaragara, mu rwego rw'itangazamakuru twifuzaga kubunganira mu buryo bukurikira :
- GAPYISI tumaze kumenya neza ko yishwe azize ibibazo bya politiki.
- Abishe GAPYISI bari batumwe kandi baguriwe amafaranga.
- Abari bafite inyungu mu rupfu rwa GAPYISI nabo bamaze kugaragara.
- Ibimenyetso umuntu yaheraho akora iperereza kuri urwo rupfu birabonека.
- Inzego zose umuntu yakwifashisha nazo zirahari.
- Amagambo yaherekeje urupfu rwa GAPYISI nayo abayavuze barahari.

Kubera ko ubushobozi bwacu bwanga bukaba buke, twasabaga ko mwadufasha mu kutwongerera ubushobozi (amikoro) maze tugakora anketi zacu mu ibanga maze ibyo tuzagerаho tukabishyikiriza inzego zibishinzwe mbere y'uko bishyikirizwa abasomyi.

Turamutse tubonye amikoro twakwifashisha abantu batandukanye bashaka amafaranga kugira ngo batubwire ibyo bari bazi ku bwicanyi n'ababukora. Bityo tukabonamo abishe GAPYISI.

Gutahura abishe GAPYISI birasaba ingendo nyinshi hirya no hino mu gihugu. Kwifashisha inzego zinyuranye, guhera ku butegetsi kugaruka ku baturage. Hanze hari abantu bakeneye amafaranga kugirango batangaze ibyo bari bazi. Abo bantu gukorana nabo bikaba bigoye kubera amikoro make yacu. Igihe cyose muzatwemerera kudutera inkunga muri urwo rwego tuzahita dutangira uwo murimo utoroshye. Ku byerekeye abo tuzaba dukeka ariko tudashobora kubegera; icyo gihe tuzabagerаho ibyo tubaziho maze namwe mudufashe.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu, twabamenyesha ko inzego zose zishinzwe umutekano zitwizera mukuduha ibyo tuzisabye maze tukabyongera kubyo ziba zifite.

Murakoze.

Uhagarariye Kangura
NGEZE Hassan

## NDADAYE YARI YATINYE KWIYAMAMARIZA UMWANYA WA PEREZIDA

Mu gihe cyo gutanga abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika y'u Burundi, Bwana NDADAYE yabanje kugira ubwoba. Yumvaga atahagarara imbere ya BUYOYA ngo bahangane. Ariko akizera ko mu badepite ishyaka rye rizagira intebe nyinshi kurusha andi mashyaka.
Nta wamenya niba yari yibagiwe ko abatora abadepite ari nabo batora Perezida wa Repubulika.

Ubuyobozi bwa PALIPEHUTU bukorera mu buhungiro bwamwumvishije ko ntacyo agomba gutinya, abamutora barahari kandi nibo benshi. Bwanamwijeje ko buzakora ibishoboka byose kugira ngo yereke BUYOYA igihandure kandi akazatorwa mu mucyo.

Abashinzwe kubahiriza umutekano babarebaga igitsure kugira ngo batore BUYOYA, bakirengagiza ko muri demukarasi imitunu y'urukwavu itabuza ishyamba gushya. Ngaho rero mwemwese mwatoye NDADAYE, hiyongereyeho n'abari bibeshye bagatora BUYOYA, muzongere mutore FRODEBU muyiha imyanya itubutse mu matora y'abadepite ateganijwe tariki ya 29/06/1993.
Gutora umuyoboke wa FRODEBU ni ukwiteganyiriza kuko iryo shyaka ryimirije imbere ubutabera kurushya ya magambo y'ubumwe n'amahoro abishe ubwicanyi mutayobewe. Mwibuke ko kuri BUYOYA FRODEBU = Umuhutu. Kandi mu gihe yiyamamazaga mu Cibitoke yabaye nkuvuga ngo abahutu batsinzwe bemeza ubumwe n'amahoro, bongera gutsindwa bemera Itegeko Nshinga none bagiye kongera gutsindwa mu matora ya Perezida wa Repubulika. Tariki ya 1 Kamena mwamweretse ko yibeshya. Na tariki 29 bizabe uko.

N.T.

# INYENZI ZO MURI GOMN BAZOROYEMO IKI ?

Impuruza yatanzwe mbere na mbere na mugenzi wacu «Kamarampaka» No 16 yo ku itariki ya 29 Mata 1993. Icyo kinyamakuru cyatugejejeho amarorerwa avanze n'agasuzuguro by'inyenzi ziri muri GOMN, wa mutwe w'abasirikari bavuga ko udafite aho ubogamiye. Icyo kinyamakuru kiratumenyesha ko izo nyenzi ubu zibera muri hôtel Méridien Umubano, umukozi usanzwe azigaburira yazizaniye ibyo kurya maze zireba ku mazuru zihita zibimutamika ku ngufu. Ngo nabirye, zimucomeka n'amacupa ku ngufu mu kanwa ngo nasomeho. Zirangije zimushyira imbunda ku gakanu. Zibonye bidahagije zimumenaho ibyo yari azizaniye.

«Kamarampaka» iratumenyesha kandi ko ku itariki ya 23 Mata 1993 ku Giti cy'inyoni, abasirikari bo muri GOMN bari mu modoka, bacunze imodoka ya SODEPARAL yari ivuye mu Ruhengeri bayitega mine. Icyo gisasu bakijugunye mu muhanda barirukanka. Umushoferi wari utwaye iyo modoka ya SODEPARAL ahita ahagarara. Ku bw'amahirwe kiraturika cyangiza imodoka ariko abarimo bararokoka....

Tubivuga ! Gushyira inyenzi muri GOMN byazihaye uburyo bwo gukora iterabwoba uko zishakiye. Uretse no kunekera inyenzi zene wazo, inyenzi zo muri GOMN zikomeje gukwiza iterabwoba hirya no hino mu gihugu. Ibisasu bimaze iminsi biturika hirya no hino mu gihugu nizo zibitega. Muribuka igisasu giherutse guturikira ku iposita kigakomeretsa abantu benshi. Icyo gisasu cyatezwe n'ikizungerezi cy'inshoreke y'inyenzi gikora aho ku iposita. Si ngombwa kwirirwa dutangaza izina rye ariko turarifite. Uwo mugore yateze icyo gisasu yararanye n'imwe mu nyenzi zo muri GOMN ziba muri Méridien. Inyenzi zimaze kwivugana Gapyisi Emmanuel zikomeje gutsemba imbaga y'abaturage b'inzirakarengane. Ejo bundi i Kirambo muri Superefegitura ya Rwesero muri Cyangugu inyenzi zateze igisasu mu isoko gihitana abantu 16, abandi bagera ku 130 barakomereka.
Uretse ibyo bisasu inyenzi zo muri GOMN zikomeje gutega hirya no hino mu gihugu, ni nazo zisigaye zijyana urubyiruko mu Nkotanyi. Abatutsi bashaka kujya mu nyenzi muri iki gihe, inzira ni imwe. Ni ukunyura kuri GOMN bakabambutsa. Hari kandi amakuru yemeza ko inyenzi zo muri GOMN zisigaye zigira uruhare runini mu kwinjiza inyenzi zene wazo mu murwa mukuru Kigali. Ku buryo bibaye ngombwa zarasa, imirwano ikabera muri Kapitali. Vuba aha hari inyenzi zirenga 20 ziherutse gufatirwa i Kigali zambaye imyenda ya gisirikari n'imbunda. Gushyira inyenzi muri GOMN, byakuruye impaka nyinshi. Nta kuntu waba uhanganye n'umuntu ukurwanya, ugahindukira ukamucumbikira. Ariko nta kundi byari kugenda kuko GOMN atari twe twayishyizeho, yashyizweho n'umuryango w'ubumwe bw'Afurika. Icyo mbona Guverinoma y'u Rwanda yari ikwiye gukora ni ugucunga abo bantu, ikagenzura ibyo bakora. Bafatirwa mu cyaha ikaregera umuryango w'ubumwe bw'Afurika.
Biti ihi se, Guverinoma y'u Rwanda igasezerera izo nyenzi nk'uko ishobora gusezerera umu «diplomate» uwo ari we wese ufashwe akora ibinyuranije n'akazi ashinzwe. Kandi ibifitiye uburenganzira.

KANGURA.

## TURAMAMAZA

Ishyirahamwe ry'Abahutu bose bo mu turere twose, mu mashyaka yose, bo mu Rwanda, Burundi, Zaire, riramenyesha abayoboke baryo ko amakarita yaryo agitangwa mu mpande zose ku buryo busanzwe.
Ku byerekeye abasirikare bazasezerwa n'imishyikirano y'Arusha, amakarita yabo aracyatangwa mu mpande zose ku bahagarariye "Turi hose". Ubwiyunge bwacu nibwo buzatuma tugera kucyo dushaka. Nimugane «Turi hose» kuko ariyo mizero y'Abahutu ya nyuma.

Icyo "Forum Paix et Dèmocratie" ihuriyeho na "Turi hose" ni uko byose bihuriye ku ntego imwe. Usibye ko "Forum" itanga ibitekerezo igateganya icyakorwa maze "Turi hose" igashyira mu bikorwa ibyananiranye. Ku byerekeye ibiranga ntego, ntibibatere ibibazo.

## INYENZI ZIVUYEMO NK'INOPFU:

*Bavuga ibigoramye imihoro ikarakura... Ikinyamakuru «Paix et Démocratie» cyandikwa na rya huriro riharanira amahoro na demokarasi (Forum Paix et Démocratie), mu nimero yacyo 000 yo muri Mata 1993 cyashyize ahagaragara imigambi mibi y'inyenzi. Inyandiko z'icyo kinyamakuru zakurugutuye abayoboke ba FPR uhereye ku bayobozi babo. Nibwo bahurutuye «umutumba» w'inyandiko ndende bagerageza kuyobya uburari ngo barasubiza icyo kinyamakuru cyandikwa n'intiti zizi neza ibibazo by'u Rwanda. Icyo kinyamakuru «Paix et Démocratie» kiratwibutsa ko inyenzi zaje zishaka gufata ubutegetsi ku ngufu z'imbunda, zigashyiraho ubutegetsi bw'igitugu. Ureke ibyo babeshyera Habyarimana. Bityo inzira ya demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi igihugu cyacu cyari cyarahisemo ikagenda nka nyomberi. Icyo kinyamakuru kiramagana kandi ubwicanyi bw'inyenzi zatsembye kandi zikomeje gutsemba abaturage b'inzirakarengane. Zarangiza zikabeshya ko zizanye demokarasi, ziharanira ko u Rwanda rwaba igihugu kigendera ku mategeko, ngo zinubahiriza ikiremwa muntu ! - Ikinyamakuru «Paix et Démocratie» gisoza gisaba abaturage kuba maso bagahangana n'inyenzi kugira ngo zitazabagwa gitumo zikabasubiza mu bucakara.*

*In 'nzi zimaze kubona iyo ndi zahise zivamo. Dore ko ztanihishu . Uwiyise Simon Ntare,*

# MBONAMPEKA Stanislas ATI: "FPR NIYO IDINDIZA DEMOKARASI MU RWANDA".

*Muri KANGURA y'ubushize (No 42) twababwiye ko hari inyandiko Nyakwigendera Gapyisi Emmanuel (atari yitaba imana) na Mbonampeka Stanislas batugejejeho. Abo bagabo bombi, mu nyandiko zabo, bemeza ko igihugu cyacu cyugarijwe n'ibibazo kitazivanamo niba buri munyarwanda adashyizeho ake. Muri nimero ya KANGURA iheruka twabagejejeho inyandiko ya Gapyisi Emmanuel agira ati : «Hapfa uwavutse». None Mbonampeka Stanislas aramwunganiye. Aratungira abanyarwanda agatoki abereka umwanzi wabo wa mbere. Ni inyenzi zibumbiye muri FPR zikomeje kudindiza demokarasi twese duharanira.*

*KANGURA.*

... Ibihugu bikize by'i Buravi ndetse no muri Amerika ya ruguru nabyo byahise bihindura politiki yabyo. Ibyo bihugu byari byarashyigikiye ubwo butegetsi bw'ibitugu imyaka 30 yose, byategetse ko imfashanyo zabyo zajya zihabwa mbere na mbere ibihugu byitabiriye demokarasi. Disikuru Perezida w'u Bufaransa François Mitterand yavugiye i La Baule mu nama yari yahuje abakuru b'ibihugu bikoresha ururimi rw'igifaransa muri Kamena 1990 niyo yakomye rutenderi. Muri uwo mwaka w'1990 n'ino mu Rwanda hari abantu benshi bagaragaje, haba mu nyandiko haba mu mvugo, ko bifuza ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi.

Ingero ni nyinshi :

— Inyandiko y'abantu bari bibumbiye mu itsinda ry'abaharanira demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi «Groupe des Démocrates Pluralistes» yo ku itariki ya 4 Kamena 1990 yasabaga ko ishyaka rimwe rukumbi ryavaho, hakabaho impaka za kidemokarasi n'amatora yemera abakandida benshi.

— Inyandiko z'intiti 33 «Groupe des 33 intellectuels» yashyize ahagaragara ububi bw'ishyaka rimwe rukumbi.

— Ibaruwa y'apepisikopi gaturika bandikse igihe Papa yari mu Rwanda.

Bityo, ubushake bwa rubanda, rushyigikiwe n'amahanga bwokeje igitutu ubutegetsi bwa Habyarimana bwemera politiki ishingiye ku mashyaka menshi. Aha twakwibutsa ko Habyarimana yari yanarikomojeho muri disikuru ye yo ku wa 5 Nyakanga 1990. Tariki ya 21 Nzeri 1990, komisiyo ishinzwe gutegura amahame iyo politiki yari kugenderaho ishyirwaho. Iyo komisiyo yari kurangiza akazi kayo mu Kuboza kw'uwo mwaka. Inkotanyi zaje kuba kidobya. Tariki ya mbere Ukwakira 1990, inyenzi zigaba igitero. Nyuma y'ukwezi kumwe gusa, ingabo z'igihugu zishyigikiwe n'abaturage, zanesheje inyenzi zizirenza umupaka.

Muri Mutarama 1991, inyenzi zigabiza umugi wa Ruhengeri ariko ingabo z'igihugu zizibera ibamba. Kuva muri Gashyantare 1991 kugeza tariki ya 2 Kamena 1992, inyenzi zagiye zigaba udutero shuma ku mupaka w'u Rwanda na Uganda. Ni muri icyo gihe inyenzi zatsindwaga umusubizo, politiki ishingiye ku mashyaka menshi yashyizwe mu bikorwa. Muri Kamena na Nyakanga 1991 ubwo hashyirwagaho itegeko nshinga rishya ryo ku wa 10 Kamena 1991 n'ivuka ry'amashyaka menshi.

Ubutegetsi bwa Habyarimana bwari bwarikanyiije bwageze aho biba ngombwa ko burekura. Bitewe ahanini n'imyigaragambyo ikaze yo mu gushyingo 1991 no muri Mutarama 1991 n'amahanga yakomeje kwotsa igitutu Habyarimana. Ni muri urwo rwego tariki ya 7 Mata 1992 hashyizweho iriya Guverinoma y'inzibacyuho igizwe n'amashyaka ane ya politiki, Guverinoma iyobowe na Minisitiri w'intebe utavuga rumwe na Habyarimana. Izo mbaraga abaturage batanze ngo demokarasi igere mu Rwanda ntizigomba gupfa ubusa. Intambwe twari tumaze gutera ntitugomba kuyivutswa n'abantu bashaka kudusubiza inyuma kubera inyungu zabo bwite.

Baba abakoresha imbunda cyangwa se iterabwoba iryo ari ryo ryose kugira ngo bagere ku butegetsi cyangwa se kubugundira.

## INYENZI ZIRARWANIRA UBUTEGETSI NTIZIHARANIRA DEMOKARASI

Inyenzi zigaba igitero tariki ya mbere Ukwakira 1990, ntizari ziyobewe ko abanyarwanda bari bafite ubushake bwo guhindura imitegekere yari iriho. Habyarimana nawe yari yarabyemeye muri Nyakanga 1990. Icyumweru kimwe mbere y'uko inyenzi zitera mu Kwakira 1990, hari komisiyo yari imaze gushyirwaho igomba gutegura amahame ya politiki nshya u Rwanda rwari rugiye kugenderaho.

Kuba rero inyenzi zaragombye kugaba igitero icyo gihe, ntawazishira amakenga. Dore ko Habyarimana yari yemeye ku ngufu guhindura imitegekere ye. Intambara rero siyo twari dukeneye dore ko yangiza byinshi. Ari nacyo gituma ntawakwizera ibyo inyenzi zabeshye ngo zateye zishaka demokarasi. Ahubwo umuntu yafata icyo gikorwa cya FPR nk'uburyo bwo kuburizamo iyo demokarasi. Bityo tugasubira mu bibazo by'amoko, n'uturerere byari gutuma inyenzi zigera ku ntego yazo yo gufata ubutegetsi ku ngufu zikoresheje intwaro. Demokarasi nyayo iboneka hakoreshejwe uburyo bwa demokarasi kandi abaturage ubwabo nibo bayishakira. Inyenzi rero zigomba kwamaganwa bikomeye kuko ziratudindiza mu nzira ya demokarasi twari twiyemeje. Ni ngombwa kumvisha FPR ko itazongera kurota yubura imirwano ku mpamvu izo ari zo zose.

Ingaruka z'igitero inyenzi zagabye tariki ya mbere Ukwakira 1990 ntizibarika :

— abaturage ibihumbi n'ibihumbagiza bapfuye

— ibikorwa by'iterabwoba inyenzi zakoze hirya no hino mu gihugu

→ page. 18

 KA02 1831

# U BUBILIGI BURI HAFI GUSEZERERWA MURI AFURIKA YO HAGATI

Ubutegetsi bwa cyami buragenda bucika ku isi. Haba mu bihugu, byakataje mu majyambere cyangwa se ibikiri mu nzira. Mu Burayi, aho ubwami busigaye ni hake cyane, keretse nko mu Bubiligi nyine bacyibutsimbarayeho. Muri Amerika urebye nta nahamwe muri Afurika naho aho ubwami busigaye harabaze. Aka karere k'Afurika yacu yo hagati kakunze kurangwa n'ingoma za cyami. Mu gihe cya gikolonize izo ngoma zaricaga zigakiza dore ko zari zishyigikiwe n'umuzungu witwaraga nka gashakabuhake. U Rwanda, u Burundi, Zaïre, twese twari ku ngoyi y'Umubiligi.

Rubanda nyamwinshi imaze kwipakurura ingoyi ya cyami mu myaka ya za mirongo itanu n'icyenda... mirongo itandatu... hagashingwa Repubulika, ababiligi babyemeye batabyemeye. Muri Zayire, ababiligi batari bake barahaguye kubera kugundira banze kurekura. Bakomeza no guteza ibibazo Repubulika nshya yari imaze kuvuka, barayisahura biratinda. Byageze aho Perezida Mobutu afata icyemezo cyo gusezerera ababiligi. Mu Rwanda naho ababiligi bakomeje kutubeshya. Mu myaka ya mbere ya independansi, Ububiligi bwasaga n'ubushyigikiye revolisiyo ya rubanda rugufi rw'abahutu. Ariko iyo urebye neza usanga gushyigikira iyo revolisiyo ari amaburakindi. Nta kuntu bari kubigenza kuko batari kuyisubiza inyuma. Na ONU yarananiwe nkwanswe ababiligi. Kandi babonaga abahutu ntacyo babatwaye dore ko abatutsi aribo icyo gihe bashakaga ko ababiligi bahambira.

Mu Burundi ababiligi bakomeje gushyigikira ingoma ya cyami kugeza muri za mirongo itandatu na gatanu igihe Micombero akora "Coup d'Etat" akavanaho umwami. Micombero urebye ntacyo yavuguruye kuko amarorerwa ubwami bwakoreraga abahutu yakomeje gukorwa muri "Repubulika ntutsi".

Ababiligi bazize gukunda abatutsi.

Inshuti nyayo uyibona mu byago. Inyenzi zigabye igitero tariki ya mbere Ukwakira 1990, twari twizeye ko ababiligi aribo ba mbere mu kudutabara. Dore ko aribo bitwa ko batugejeje ku bwigenge bamaze kudukoloniza imyaka igera kuri 48 yose! Kwari ukwibeshya kuko byagaragaye ko ababiligi bari ahubwo ku ruhande rw'inyenzi. Ababiligi nabo bifuzaga ko inyenzi zafata u Rwanda mu minsi itatu. Banakoze uko bashoboye ngo iyo ntego igerweho. Ububiligi bwafatiriye amasasu u Rwanda rwari rwaratumijeyo kandi yararishywe. Ibinyamakuru byaho ariko cyane cyane imiryango yitwa ko irengera ikiremwamuntu birahiga mu gusebya u Rwanda. Ibyo binyamakuru n'iyo miryango birakotana ngo abatutsi bashize mu Rwanda, iyo Nsengiyaremye atongeyeho abagogwe. Radiyo na Televiziyo yogeza inyenzi biratinda ngo ziri hafi kugera i Kigali.

Ububiligi bwanahise bugabanya imfashanyo bwageneraga u Rwanda. Ndetse hamwe na hamwe nko mu rwego rwa gisirikari, barazihagarika burundu. Ububiligi bwanohereje abasirikari barwo bubeshya ko butabaye u Rwanda. Nyamara birazwi ko abo basirikari bari bafite ubutumwa bwo kurengera ibyitso by'inyenzi biramutse bikomeye. Umwanzi agucira akobo Imana igucira akanzu. Perezida wa Zayire, Mobutu Sese Seko aba arahagobotse, atwohererezа ingabo ze zunganira iz'u Rwanda, inyenzi zirakabona, zirapfa biratinda. Abafaransa n'ubwo batadukolonije babonye turengana basanga batadutererana. Bohereza ingabo zabo ngo zihe gasopo uwo ari we wese ushaka gusubiza u Rwanda mu bucakara. Ubufaransa buha u Rwanda intwaro zo kwirwanaho, buduhuza n'izindi nshuti. Inyenzi zimaze kubona ko imigambi yazo zitazayisohoza ziratangira zijundika abafaransa. Inyenzi zifatanije n'ababiligi zigerageza guhirika Mobutu ariko zisanga ahagaze bwuma, "blindé". Ikimwaro kiba cyose.

Kubana n'Ububiligi ni nko kubana n'igare.

N'ujya uvuga ababiligi ujye ubaza Maréchal Mobutu niwe ubazi. Ababiligi amarorerwa bakoreye abazayirwa ntagira ingano. Icyo gihugu bagisahuye kera ari nako bakigisahura. Uko Zayire imeze muri iki gihe ni ukubera ababiligi bayizambije. Mu Rwanda natwe ababiligi turabamenyereye. Igihugu cyacu bari bagihaye inyenzi Imana ikinga ukuboko. Kandi ntawabashira amakenga kuko umugambi wabo uracyari wa wundi. Abahutu b'i Burundi nabo bazi neza inkunga bakomeje gutera ubutegetsi bwa gitutsi babushyigikira buri gihe mu iyicwa ry'abahutu. Ibyo ari byo byose nta gahora gahanze. Ababiligi bari hafi gucika muri aka karere bitaga akabo (Congo mbirigi na Ruanda-Urundi). Dore muri Zayire, Perezida Mobutu yarabasezereye. Mu Rwanda natwe ntitukibashaka, bazajyane n'abatutsi bitangiye kuva kera. Mu Burundi naho abahutu baribohoje, ba gashakabuhake b'ababiligi bashatse bazinga uturago amayira akigendwa. Niba ari n'ingirwa gifaransa cyabo badukangisha bazakijyane tuzavuga icy'abafaransa. Dore ko ari nacyo cy'umwimerere. Kuko siniyumvisha icyo ababiligi bagikora ino. Bamaze kutwereka bihagije uko bateye. Ni inzoka mu ziridi! Bazage n'ahandi rirarema...

KANGURA.

Ibikurikira page 17.

- abantu barenga miliyoni bavanywe mu byabo n'intambara bakaba barara rwantambi
- ibimuga bitagira ingano tutibagiwe n'amafaranga atagira umubare amaze gusohoka kuri iyi ntambara.

Ayo makuba siyo twari dukeneye ngo tubone demokarasi twaharaniye. FPR imenye ko ihemukira abanyarwanda ibeshya ko irwanirira...

Maître Mbonampeka Stanislas

*nqo ushinzwe ibibazo bya politiki mu biro bya Perezida wa FPR niwe wafashe iya mbere arateshwaquzwa biratinda.*
*Mu nyandiko abeshya ko yandikiye i Byumba tariki ya 6 Gicurasi 1993, Simon Ntare ariha rubanda ageraqeza guhisha ububi bw'inyenzi. Ntamenye ko uhisha ukuri kwageraho kukaqaragara. Kandi uko kuri kurazwi.*

**KU BYEREKEYE IBYITSO**

*Muri iyo nyandiko, inyenzi Simon Ntare araduhishurira ko hagati mu gihuqu cyacu hari inyenzi zihishemo. Akemeza ko izo nyenzi zidashobora kwiqaragaza kubera ko abaturage bazimenye bazitsemba. Ariko nqo ziraqakora. Abahakana rero ko nta byitso biri mu gihugu, si abanjye. FPR irabyiyemerera ku muqaragaro.*

**IKIBAZO CY'IMPUNZI**

*Inyenzi ziqaba igitero tariki ya mbere Ukwakira 1990 zaje zitwaje ikibazo cy'impunzi z'abatutsi nqo ubutegetsi bwa Habyarimana bwabujije gutahuka. Amahanga yabanje kwemera icyo kinyoma. Nyamara byaje kuqaragara ko rwari urwitwazo. Impamvu nyayo yatumye FPR itera ni ugufata ubutegetsi ku nqufu i Kigali nk'uko NRA yabufashe i Kampala. None FPR nayo irabyiyemerera ku muqaragaro dore ko Simon Ntare asobanura neza ko tutagomba kwitirinya FPR n'impunzi. Ngo ni ibintu bibiri bitandukanye. Aho.... !*

**GUFATA UBUTEGETSI KU NGUFU**

*Muri iyo nyandiko, Simon Ntare abeshya ko inyenzi zitagamije gufata ubutegetsi. Ngo n'ikimenyimenyi ziyemeje gusubira mu birindiro zahoranye mbere y'itariki ya 8 Gashyantare 1993 ubwo zashozaqa imirwano. Nqo ibyo byonyine birahagije kugira ngo amahanga yemere ko inyenzi zidashaka ubutegetsi ku ngufu !*
*Nyamara ukuri guteye gutya : inyenzi zimaze kwirukanwa mu muqi wa Ruhenqeri no mu nkengero zawo, mu gihe kitarenze iminsi ibiri gusa, zimaze kubona ko amahanga azamaqanye kubera icyo gitero, nta kundi zari kubiqenza uretse qusubira aho zahoze mbere ya tariki ya 8 Gashyantare. Nta mpuhwe rero zarimo. Kandi kuba inyenzi zaremeye imishyikirano ntibisobanura ko zitagitsimbaraye ku muqambi wazo wo gufata ubutegetsi. Museveni yarabyerekanye bihagije kuburyo uwakwishinga ibinyoma by'inyenzi amateka yazabimuhanira.*

**ABAVANYWE MU BYABO N'INTAMBARA**

*Mu gihe amahanga akomeje kwamagana intambara inyenzi zaturoshyemo, FPR yo isanga ngo ariyo nzira nyayo yo kumvikanisha ikibazo cyayo. Mu bugome bwayo, FPR yishimira ko abaturage bakwira imishwaro, bakangara ku gasozi. Kuri FPR ngo ni uguhitamo ibintu bibiri : guhunga no kwicwa.*

**IYICWA RY'ABATURAGE B'INZIRAKARENGANE**

*FPR yemera ko hapfuye abantu ariko ngo nta yicwa ryabaye! Umva nawe: Uko byamera kose, iyo abantu bapfuye baba bafite uwabishe. Demokarasi duharanira izirana n'ubwo bugome. Ikiremwa muntu gifite uburenganzira budakuka bwo kubaho. Ubwo burenganzira bubuza buri wese kwica.*

**IGITUGU CY'INYENZI**

*Umuririmbyi yarihoreye ati : «Umugabo w'ukuri arangwa n'ibikorwa».*
*FPR nayo rero igaragarira mu byo ikora si mu maqambo. Guhamya ko ngo Demokarasi yonyine ariyo yakemura ibibazo by'abanyarwanda ntibihagije. Icya nqombwa ni ukubishyira mu bikorwa. FPR yagaraqaje ko «iharanira» demokarasi yica abaturage, abandi ibirukana mu byabo, ubu bakaba barara rwantambi.*

**IGITERO CYO KU ITARIKI YA 8 GASHYANTARE 1993**

*Inyenzi zigaba iqitero tariki ya 8 Gashyantare 1993 zabeshye amahanga ko zari zigamije kwumvisha Guverinoma y'u Rwanda ko iqomba kubaha ubuzima bw'abantu nqo ikubahiriza amasezerano yaqiranye nazo. Ibyo ntitubyanze. Ariko ikitumvikana ni ukuntu wavuga ko wubaha uburenganzira bw'umuntu bwo kubaho nawe wica abandi bantu. Aho niho FPR yari ikwiye gusobanura.*

**UBUTEGETSI BW'IGITUGU BWA HABYARIMANA**

*FPR yemeza ko n'ubwo Habyarimana yavaho, ubuteqetsi bwe bwasigara. Ku nyenzi, haba hahindutse umuntu gusa, ubutegetsi bukiri bwa bundi. Muri icyo gihe rero FPR ngo yakomeza intambara. Mu gihe abatavuqa rumwe na Habyarimana baba imbere mu gihugu bo bemeza ko Habyarimana aramutse avuyeho, haiyaho ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi. Aha rero hateye kwibaza. Niba FPR itemera ko Habyarimana avuyeho demokarasi yasugira, ni iki cyatwemeza ko (FPR) itakomeza intambara kugeza igihe ifatiye ubuteqetsi ku ngufu cyangwa se igashyiraho ubutegetsi.*

**FPR NI IKI ?**

*FPR yiyita ngo ishyaka rinini rya rubanda rigamije kubohora igihugu. Ariko icyo tuzi neza ni uko abantu bagera kuri miliyoni babaga mu makomini 8 inyenzi zafashe, bahunze FPR ! Bayihunze batayireba ?*
*Izabeshye «abahindi» rero.*

**FPR NGO NIYO YO !**

*FPR yiyita «impirimbanyi» ya demokarasi. Kuri yo nqo ni ngombwa ko buri muntu yahitamo aho ajya. Ngo ibintu ni bibiri : quhitamo ubwiqenge cyangwa se uqahitamo iqitugu.*

*Nyamara FPR ishatse yamenya ko «impirimbanyi» ya demokarasi ari umuntu ukoresha inzira ya demokarasi.*
*«Impirimbanyi» za demokarasi rero ntabwo ari abakoresha imbunda cyangwa se ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwo kwica. Nta hitamo rero rigomba kubaho.*

*KANGURA.*

KA02 1833



*Ugutsinda kwa SAHWANYA-FRODEBU sì ukwa ABARUNDI gusa. Ahubwo n'ukwa ABAHUTU bose b'isi.*
*Perezida NDADAYE Melchior.*